« Yesu Kristo ntahinduka, uko yari ejo, n'uyu munsi ni ko ari kandi niko azahora iteka ryose. »
(Abaheburayo13:8)

Urwandiko mbwirwabose Ukuboza 2009

Ndabaramutsa mwese mw'Izina ry'igiciro ry'Umwami wacu Yesu Kristo nkoresheje ibyanditwe muri Yesaya 46:10:

"Mpera mw'itangiriro nkavuga iherezo, mpera no mu bihe bya kera nkavuga ibitarakorwa nkavua nti: imigambi yange izakomera kandi ibyo nzashaka byose nzabikora…"

Muri uyu murongo, Imana iratumenyesha ko ndetse mbere y'itangiriro, yari izi ibyagombaga kuba byose mu bihe byose kugeza ku iherezo. Kandi si ibyo gusa, yateguye umugambi isohoza muri buri kantu kose : "…*narabivuze, no kubisohoza nzabisohoza; narabigambiriye, no kubikora nzabikora…" (Yes.46:11).*

Uhereye ku gice cya 40 ugakomeza, umgambi w'agakiza waratangajwe "*Zamuka ku musozi muremure, Siyoni, kugirango utangaze inkuru nziza; rangurura ijwi ryawe n'imbaraga, Yerusalemu, kugirango utangaze ubutumwa bwiza; zamura ijwi ntutinye , ubwire imirwa ya Yuda : dore Imana yanyu! Dore ,Umwami, Uwiteka azanye imbaraga, kandi arategekesha ukuboko kwe; dore, igihembo kiri kumwe nawe, kandi ingororano zimuje imbere*" (Yes. 40:6-10). Ni koko, yariyiziye ubwe atuzanira agakiza.

Mu itangiriro ry'igihe, Imana *itarigeze ibonwa n'umuntu n'umwe* (Yoh.:1:18); 1Tim.:1:17) *yo yonyine ifite kudapfa* (1Tim.:6:16), yavuye mu mwuzuro wayo w'Umwuka, w'umucyo n'ubugingo nuko igendagenda mu ngobyi y'edeni mu ishusho igaragara.

Muri I Abami 22:13:24 hamwe no muri 2 Ingoma 18:12-22, umuhanuzi Mikaya yatanze ubu buhamya: "*Nabonye Uwiteka yicaye ku ntebe ye y'ubwami, ingabo zose so mw'ijuru zihagaze iburyo bwe n'ibumoso bwe."* (2 Ingoma 18:18). Hanyuma arondora ikiganiro cyabereye ahongaho.

Kuva mu itangiriro, Imana yari ikikijwe n'abamarayika, aribo yabwiye uhereye mu Itangiriro. 1:26-28 ati "*tureme umuntu* …."
Abamarayika b'Imana barangururaga ijwi ry'ibyishimo ubwo Uwiteka yaremaga isi (Yobu 38:1-7). Ubwo abantu bahindutse abibone bakubaka umunara uwo agasongero kagombaga gukora ku ijuru, Uwiteka yabwiye abamarayika, ati: "*Reka tumanuke, duhindure ururimi rwabo, rubemo nyinshi zinyuranye, be kunvikana.*" (Itang.:11:7).

Mu Itangiriro 18, dusoma ko Uwiteka yari aherekejwe n'abamarayika babiri ubwo yagendereraga umugaragu we Aburahamu. Bose uko ari batatu, Uwiteka ahmwe n'abamarayika babiri, bavuzwe ko bari bameze n'abantu (umurongo wa 2). Aburahamu yogeje ibirenge by'abo bashyitsi bari bavuye mw'ijuru, ategekako babaga inyana, hagakorwa n'imitsima, hanyuma arabagaburira. Nyuma yaho ba bamarayika babiri barakomeje bajya I Sodomu (Igice cya 19) ariko uwiteka agumana na Aburahamu (18:22). Abamarayika nka Gaburiyeri, berekanwa mu byanditswe byera bameze nk'abantu (Dan. 8:15); 9:21). Muri Luka igice cya 1, marayika Gaburiyeri yagaragaye ahagaze iburyo bw'igicaniro cy'imibavu avugana na Zakariya. Kandi yagendereye Mariya amubwira inkuru yo kuvuka kw'Umukiza wacu (imirongo 26-38).

Muri Yesaya 6, dusoma iyerekwa rikomeye uwo muhanuzi yabonye, atangaho ubuhamya ati: " *Mu mwaka w'urupfu rwumwami Oziya, nabonye Umwami Imana yicaye ku ntebe y'Ubwami iri ahirengereye, ibishura bye byari byuzuye urusengero. Abaserafi bari bahagaze hejuru ye…*" (imirongo 1-3). "*Nunva ijwi ry'Umwami rivuga riti: Ninde nzatuma ? Ninde uzatugirayo? Nangye ndasubiza nti, Ndihano Mwami, ntuma*"(Yesaya 6:8.).

Kubw'ibyo byarondowe, turabona neza abo Umwami Imana yabwiraga ubwo yavugaga ati "*twe*". Igihe cyose Umwami Imana yahoraga ikikijwe n'abamarayika bayo, n'ingabo zo mw'Ijuru, ndetse n'igihe amategeko yatangwaga, nk'uko bigaragara neza nko muri ibi byanditswe: Ibyak. 7:38+53); Abagal. 3:19; Abah. 2:2. Nicyo gituma Umwami Imana yarashoboraga kuvuga mu Itangiriro ati: " *tureme umuntu mw'ishusho yacu…*". Uhereye mw'Itangiriro, Umwami Imana yavuganye n'abamarayika kandi ivugira mu bamarayika, yavuganye n'abantu kandi ivugira mu bantu.

Ubwo umucunguzi yavukaga, abamarayika bararirimbye: "*Icyubahiro kibe icy'Imana mw'ijuru…"* (Luka 2:14). Muri Matayo 4:11, abamarayika baje aho umwami ari kugirango bamukorere nyuma yo kugeragezwa. Abamarayika babiri bahamirije kuzuka kw'Umwami (Luka 24:4). Abamarayika babiri, bavuze ko Umwami wazutse azagaruka (Ibyak.:1:9-11). Umuhanuzi Ezekiyeri nawe yahawe kubona Umwami Imana ari ku ntebe y'ubwami mw'ishusho y'umuntu, kandi abivuga mu buryo burambuye ati: ".*Hejuru y'ikirere cyari hejuru y'imutwe yabyo, hari igisa n'intebe y'ubwami isa n'ibuye rya safiro; kandi hejuru y'iyo ntebe y'ubwami, hariho igisa n'umuntu… uko umukororombya uba mu gicu ku munsi w'invura, niko kurabagirana kwari kuyigose kwasaga. Ibyo byari igishushanyo cy'ubwiza bw'Uwiteka. Mbibonye ngwa nubamye, maze nunva ijwi ry'uvuga*" (Ezek. 1:26+28).

Imana yihishurira ubwoko bwayo na Itorero ryayo

"*Wagizwe umuhamwa wo guhamya ibyo kugirango umenye ko Uwiteka ariwe Mana ko nta yindi. Yakwunvishije ijwi rye ari mw'ijuru kugira ngo akwigishe, kandi no kw'isi, yakweretse umuriro wayo ukomeye, kandi wunvise amagambo yayo ivugira mu muriro. …Nuko umenye kuri uyu munsi, kandi ubizirikane mu mutima wawe ko Uwiteka ari Imana, hejuru mw'ijuru no hasi kw'isi, kandi ko nta yindi Mana ibaho*" (Guteg. 4:35-36+39).

Igihe cyose Imana yagiye yihishurira ubwoko bwayo gusa, kandi ikabwihishurira nk'Imana imwe rukumbi, ariyo Uwiteka; ariko ku yandi mahanga, yakomeje kuyihisha. Kwigaragaza kwayo mu gihe cyose cyo mw'Isezerano rya kera, mu gihe cy'imyaka igera ku bihumbi bine, uhereye kuri Adamu ukageza kuri Kristo, kwabaye bu buryo bwinshi. Nyamara, mw'itangiriro ry'Isezerano rishya niho yigaragaje nka Data mw'ijuru no mu Mwana kw'isi. Niyo mpanvu nta muhanuzi n'umwe wigeze avuga kuri Data wo mw'ijuru cyangwa ngo yerekeze isengesho rye kuri Data wo mw'ijuru. Nyamara hariho amasezerano menshi ajyanye no kuvuka kw'Umwana hamwe n'uko twagombaga kugirwa abahungu n'abakobwa b'Imana.:

"*Nzamubera se nawe azambera umwana*" (2 Sam. 7:14; 1 Ingoma 17:13).

"*Ndavuga rya tegeko, Uwiteka yarambwiye ati: uri umwana wanjye, uyu munsi ndakubyaye. Nsaba, nzaguha amahanga abe umwandu wawe, n'abo ku mpera z'isi ngo ubatware*" (Zab.2:7-8).

"*Mukorere Uwiteka mutinya, munezerwe muhinde umushyitsi. Musome urya Mwana kugira ngo atarakara mukarimbukira mu nzira zanyu, kuko umujnya we uri hafi gukongezwa. Hahirwa abamuhungiraho*" (Zab. 2: 11-12).

"*Ariko ni wowe wanvanye mu nda ya mama, wampaye ibyiringiro nkiri ku ibere rya mama, ni wowe naragijwe uhereye mu ivuka ryange, uri Imana yangye uhereye mu nda ya mama*" (Zab. 22:10-11).

"*We azanyambaza ati: uri Data, Imana yangye, Igitare cy'agakiza kangye! Nangye nzamugira impfura yangye, usumba abami bose bo ku isi*" (Zab. 89:27-28).

"*Niyo mpanvu Umwami ubwe azabaha ikimenyetso, : dore umwari azasama abyare umwana w'umuhungu, amwite izina Emanueli*" (Yes. 7:14).

Muri Yesaya 9:5, tubwirwa uwo mwana uwo ari we: "*Dore umwana yatuvukiye, duhawe umwana w'umuhungu, kandi ubutware buzaba ku rutugu rwe; azitwa Igitangaza, Umujyanama, Imana ikomeye, Data wa twese uhoraho, Umwami w'amahoro*".

Kugenwa kwacu

"*Kuko yadutoranirije muri we isi itarashyirwaho urufatiro, kugirango tube abera tutariho umugayo imbere yayo mu rukundo…" (Abef.1:4).*

"Kuko yagambiriye kera kubw'urukundo rwayo ko duhinduka abana bayo tubiheshejwe na Yesu Kristo ku bw'ushake bwayo" (umurongo 5).

"*Niwe waduhesheje gucungurwa ku bw'amaraso ye, no kubabarirwa ibyaha byacu, ku bw'ubutunzi bw'ubuntu bwayo…*" (umurongo 7).

Reka twongere tugaruke kuri ibi: Mu gihe cyo mu Isezerano rya cyera, abahanuzi n'ubwoko bw'Isirayeri bamenye Imana nk'UWITEKA / YAHWEH we wenyine gusa, wabihishuriye ubwe. Izina UWITEKA IMANA / ELOHIM-YAHWEH ryanditswe inshuro zirenze 6000 mu Isezerano rya kera, nk'izina ry'umwe (ryanditswe mu buke), nta na rimwe ryigeze rishyirwa mu bwinshi. Imana ni yo yahaye ubwoko bwayo bw'isezerano uko bwagombaga kwatura kwizera kwabwo: "*Unva, Isirayeri, Uwiteka, Imana yacu, niyo yonyine Uwiteka…*" (Gutegeka. 6:4-9).

Kimwe n'uko tubona mu Isezerano rya kera amasezerano yose ajyanye n'umukiza hamwe n'umugambi w'ubucunguzi. Igihe hari hageze ko Imana ishyitsa umugambi wayo w'ubucunguzi, nibwo yihishuye nka Data wo mw'ijuru no mu Mwana wayo wabyawe kw'isi. "*Marayika aramusubiza ati: umwuka wera azakuzaho, kandi imbaraga z'Isumba byose zizagutwikiriza, ni cyo gituma Uwera uzavuka azitwa Umwana w'Imana*" (Luk.1: 35)

"*Kuko uyu munsi mu murwa wa Dawidi, umukiza yabavukiye, ari we Kristo, Umwami*" (Luk. 2:11).

"Nuko ijwi ryunvikanira mw'ijuru riti: Nguyu umwana wanjye nkunda, nkamwishimira" (Mat. 3:17).

"*Yesu aramubwira ati: Winkoraho, kuko ntarazamuka ngo njye kwa Data. Ariko genda usange bene data, ubabwire ko nzamutse ngiye kwa Data ariwe So, ku Mana yanjye ari yo Imana yanyu"* (Yoh.20:17).

"Kuko abo yamenye kera yabatoranirije kera gusa n'ishusho y'umwana wayo, kugira ngo abe impfura muri bene se benshi" (Abar.8:29)

"*Nyamara umubare w'abana b'Isirayeri uzaba nk'umusenyi wo ku Nyanja, utabasha kugerwa habe no kubarwa; kandi aho babwirwagwa ngo: ntimuri ubwoko bwangye, bazabwirwa ngo muri abana b'Imana ihoraho!*" (Hoseya 2:1).

Amasezerano abiri areba Umwana w'Imana n'abana b'Imana arajyana, niyo mpanvu Pawuro yanditse ati: "*Nk'uko yababwiye muri Hoseya ati: Nzita ubwoko bwanjye abatari ubwoko bwanjye, kandi uwari inyungwakazi nzamwita inkundwakazi, kandi*

ababwirwaga bati ntimuri ubwoko bwange, bazitwa abana b'Imana ihoraho" (Abar.9:25-26).

"*Nzababera so, namwe muzambera abahungu n'abakobwa, ni ko Umwami ushoborabyose avuga"* (2Abakorinto 9:25-26).

"*Kera ntimwari ubwoko ariko none muri ubwoko bw'imana. Kera ntimwari mwakababariwe ariko none mwarababariwe*" (1 Petero 2:10)

Yesu Kristo ni Umwami

Igihe IMANA/ELOHIM yajyaga yihishura mu Isezerano rya kera, yitwaga UWITEKA/YAHWEH, ibyo twamaze kubisobanukurwa. Mu Isezerano rishya, yishuriye mu mwana. Ibyanditswe byera binadusobanurira Umwana uwo ari we:

"*Ese ibi nabikesha iki ko nyina w'**Umwami** wanjye angenderera*?" (Luka 1:43).

"*Umutima wanjye uhimbaza **Umwami**, n'ubugingo bwanjye bwishimiye mu Mana, Umukiza wanjye*" (Luka 1:46b-47).

Nonoeho rero, kuva kw'itangiriro, ni Umwami; ariko nk'Umwana yarabyawe, kandi aravuka. Nyuma yo kuzuka kwe, mu butumwa bwiza bwa Yohani, nta rindi zina yasubiye kwitwa uretse "**Umwami**".

"*Agenda yiruka asanga Simoni Petro n'undi mwigishwa Yesu yakundaga arababwira ati: bavanye **Umwami** mu nva kandi ntituzi aho bamushyize*" (Yoh. 20:2).

"*Baramubwira bati: Mugore, urarizwa n'iki? Arabasubiza ati: ni uko bajyanye **Umwami** wanjye, nkaba ntazi aho bamushyize*" (Yoh. 20:13).

"*Maria Madarina ajya kubwira abigishwa ko yabonye **Umwami**, kandi ko yamubwiye ayo magambo*" (Yoh.20:18)

"*Amaze kuvuga atyo, abereka ibiganza bye n'urubavu rwe. Abigishwa banezezwa no kubona **Umwami**"* (Yoh.20:20).

"*Nuko abandi bigishwa baramubwira bati: Twabonye **Umwami**. Ariko arababwira ati: Nintabona inkovu z'imbereri mu biganza bye ngo nzishyiremo urutoki rwanjye, sinshyire ikiganza cyanjye mu rubavu rwe, sinzabyemera*"(Yoh.20:25).

"*Tomasi aramusubiza ati: **Mwami** wanjye kandi Mana yanjye*!" (Yoh. 20:28).

"*Nicyo gituma nshaka kubunvisha ko nta muntu. ushobora kuvuga ko Yesu ari **Umwami**, atabibwirijwe n'Umwuka wera" (1 Abakor 12:3).*

Nk'Umwami, nka NDIHO, yariho mbere ya Aburahamu: "Ni ukuri ni ukuri ndababwira yuko, mbere y'uko Aburahamu abaho, ndiho" (Yoh. 8:58).

Nk'Umwana, yatanze ubuhamya:"…*Navuye kuri Data nza mw'isi, none isi ndayivamo nsubire kuri Data*" (Yoh.16: 27b-28).

"…*bamenye koko ko navuye kuri wowe kandi bizeye ko ari wowe wantumye*" (Yoh.17:8b).

"*niyo mpanvu twizera ko wavuye ku Mana*" (Yoh.16:30b)

"*Data wera, abo wampaye, ubarindire mw'Izina ryawe, kugira ngo babe umwe nk'uko natwe turi umwe* " (Yoh.17:11b).

Amasezerano yose n'ibicucu by'ingero byo mw'Isezerano rya kera byagiye bihinduka impamo kugeza n'ubu uko ibihe byo mw'Isezerano rishya byagiye bisimburana.

Umucunguzi yagombaga kuba ari Umwana wa Aburahamu n'Umwana wa Dawudi (Mat.1:1).

Yagombaga kuba Umwana w'umuntu n'Umwana w'Imana (Luk. 1:35).

Yagombaga kuba Umwana w'intama w'Imana ukuraho ibyaha by'abari mw'isi (Yoh.1:29).

Yagombaga kuba Umuhuza w'Isezerano rishya (Abah.9:15).

Yagombaga kuba umurengezi (1 Yoh. 2:1-2).

Yagombaga kuba Umutambyi mukuru (Abah. 2:17).

Nk'Umwana w'ikinege wabyawe, ni Umwana w'impfura muri bene se benshi (Abar.8:29; Abagal. 3:26; Bh. 2:11). Tugomba no kureba ukuntu Umucunguzi wacu yerekanwa nk'umuntu. Asubuza ikibazo niba ari Umwana w'Imana: "*Yesu aramusubiza ati, wakabimenye, kandi ndababwira yuko guhera ubu muzabona Umwana w'umuntu yicaye iburyo bw'ubushobozi bw'Imana, aje ku bicu byo mw'ijuru*" (Mat.26:64).

Atari nk'umuntu wa kabiri wa mu bumana, ahubwo yicaye iburyo bw'Imana nk'Umwana w'umuntu. Iyi nyito isubirwamo inshuro zirenze mirongo irindwi mu bitabo by'utumwa bwiza uko ari bine, ari nta narimwe igaragara uhereye ku rwandiko rwandikiwe Abaroma ukageza ku rwandiko rwa Yuda. Uhereye ku gice cya mbere cy'urwandiko rwandikiwe abaroma, yerekanwa nk'Umwana w'Imana bijyanye n'umurimo yakoze wo gucungura ndetse na hamwe n'Itorero.

Niyo mpanvu hatavugwa "Umwana w'Imana" muri Yohana 3:13 ahubwo hakavugwa "Umwana w'Umuntu": "*Ntawazamutse mw'ijuru, uretse uwamanutse ava mw'ijuru, Umwana w'umuntu uri mw'ijuru*".

Dusoma muri Matayo 25:31: "*Umwana w'umuntu ubwo azazana n'abamarayika be bose afite ubwiza bwe, ni bwo azicara ku ntebe y'ubwiza bwe…*".

Muri Matayo 25:1-13, azaza nk'Umukwe nuko abāri bazaba biteguye binjirane nawe mu cyumba cy'ubukwe.

Birakenewe cyane ko dusoma Ijambo ry'Imana nk'uko riri, ko turishyira mu mwanya waryo kandi ko turihishurirwa n'Umwuka wera. Tubona uburyo butatu nyamukuru Imana yihishuyemo: yihishuye nka Data mw'ijuru, yihishuye mu Mwana kw'isi kandi yihishura nk'Umwuka wera mw'itorero.

Ubundi tukabona imirimo yayo inyuranye nk'umucunguzi mw'ishusho yayo nk'umuntu. Ashobora kuba byose muri bose: Umwana w'Imana, Umwana w'umuntu, umwana wa Dawidi, Umwana w'Aburahamu, Umwana w'Intama w'Imana, n'Intare y'umuryango wa Yuda. Ni Umuhuza kandi ni Umurengezi, Ni Umwami, Umutambyi mukuru, Umuhanuzi. Umwami wacu, Imana yacu ihabwe ikuzo, we waduhaye kuba abana binyuze mu Mwana wayo yibyariye w'ikinege (Abagal.:4:4-7)! Ubu turi abana b'Imana kandi mu gihe cy'isoza tuzahindurwa duse n'ishusho y'Umwana w'Imana (1 Yoh.: 3:1-3 n'ahandi). Umucunguzi yahindutse umuntu nkatwe kugirango ku muzuko wambere tuzashobore gusa nawe.

Abakristo batangiye kuyobywa uhereye mu nama yambere yi Nikeya (muri 325 nyuma ya Yesu Kristo). Mbere y'icyo gihe - kimwe no mw'idini ry'abayuda igihe cyose – hizerwaga ko Imana ari imwe kandi ko itihanganira ko hagira indi mana bayibangikanya (Kuva 20, n'ahandi). Abiswe ba Se b'itorero bakomokaga mu bapagani (abanyamahanga), bose bangaga abayuda, ni nayo mpanvu biremeye imana y'ubutatu nk'uko bari basanzwe babimenyereye mu myizerere yabo ya gipagani. Muri iyo myizerere yakomotse mu nama y'i Nikeya, dore ibivugwa kuri Yesu Kristo: "… Umwana w'ikinege w'Imana, wabyawe na Data mbere y'ibihe byose, umucyo, wabyawe n'umucyo, Imana y'ukuri yabyawe n'Imana y'ukuri, yarabyawe ntiyaremwe…".

Nta na hamwe haboneka muri Bibilia ubuhamya bw'umwana nk'uwo, waba yarabyariwe na Data mw'ijuru mbere y'itangiriro ry'ibihe. Iyi ni inyigisho ya antikristo kandi inyuranye n'ibyanditswe muri Yohana wa mbere 4:2-3. Umwana w'Imana yabyawe n'Umwuka wera. Niwe Uwasizwe, Kristo, kandi yavukiye I Betelehemu.

Mw'Isezerano rya kera ryose, Imana yagaragaye nk'UWITEKA/YAHWEH kandi mw'Isezerano rishya tumuzi nk'Umwana, YAHSHUA/YESU. Inyigisho y'ubutatu, y'"abaperesona batatu baba barahozeho iteka ryose", nta nahamwe igaragara muri Bibilia. Iyo niyo yabaye inyigisho fatizo ya mbere y'ikinyoma yashyizweho nk'inkingi y'itorero ry'ubwami bw'i Roma, hanyuma iza kuzagenda ifatwa n'andi matorero ya gikristo mw'isi yose.

Jambo yambaye umubiri

Birazwi neza ko Ubutumwa bwa Yohana butangizwa n'aya magambo: <*Mbere na mbere hariho Jambo, Jambo yari hamwe n'Imana kandi Jambo yari Imana*>. Inyito <Jambo> yasobanuwe ivanywe ku ijambo ry'I kigiriki *Logos,* Nyamara ijambo ryakoreshejwe mu giheburayo, *Dabar* rifite insobanuro eshatu nyamukuru: ***kuvuga***,

gutegeka no ***kubara inkuru***. Niyo mpanvu mw'itangiriro hariho uwavuze birakoreka, arategeka icyo ategetse kiraba. Nuko inkuro yo kurema ishobora kwandikwa.

Nicyo gituma ibyanditswe bikurikira bivuga igihe cyose Umuremyi umwe rukumbi uriho nka jambo, Uvuga kandi Ukora.

"*Mbere na mbere Imana yaremye ijuru n'isi*." (Itang.1:1).

"*Ijuru ryaremwe n'ljambo ry'Uwiteka, n'ingabo zaryo zose zaremwe n'umwuka wo mu kanwa ke*" (Zab.33:6).

"*Kuko ivuga bikaba; itegeka bigakomera*" (Zab.33:9).

"*Mbere na mbere washyizeho urufatizo rw'isi, ijuru naryo ni umurimo w'intoke zawe* " (Zab.102:26).

"Ibintu byose byaremwe nawe (Jambo), ndetse mu byaremwe byose nta na kimwe kitararemwe na we"(Yoh.1:3).

"Uwiteka, mbere na mbere ni wowe washyizeho urufatiro isi, n'ijuru ni umurimo w'intoke zawe" (Abah.1:10).

"*Mwami wacu, Mana yacu, ukwiriye guhabwa icyubahiro no guhimbazwa n'ubutware koko, kuko ari wowe waremye byose. Igituma biriho kandi icyatumye biremwa ni uko wabishatse*"(Ibyah. 4:11).

Ijambo *Dabar* ryasobanuwemo *Logos*, ni Umwami Mana ubwe wambaye umubiri akabana natwe. Amina.

Umwuka w'ukuri cyangwa umwuka w'ubushukanyi

"*Simbandikiye kuko mutazi ukuri, ahubwo ni uko mukuzi kandi kuko nta kinyoma kiva mu kuri*" (1 Yoh.:2:21).

Igihe urubanza rugomba guhera mu nzu y'Imana kirageze. Imana iratandukanya umucyo n'umwijima, ukuri n'ubuyobe mw'itorero ryayo. Kugoreka ijambo, ubushukanyi, guhumekerwa ibinyoma bimaze kurenga urugero.

Reka tubanze turebe ubuyobe bwazanywe ku bijyanye *n'intumwa* yagombaga kubanziriza kugaruka kwa kabiri kwa Kristo.

Ese ni iki ijwi ryavugiye mu mucyo ndengakamire ryabwiye Mwene data Branham tariki 11/6/1933 ? Mu buhamya yatangiye ahitwa San Juan (muri Amerika) tariki 10/2/ 1960, Mwene data Branham yabigarutseho avuga ati:

"…**abantu benshi bari bahagazi aho hose ku nkengero y'umugezi… ndetse abafata amashusho b'ibinyamakuru bari bahari. Ndongera numva ijwi rigira riti: "ubura amaso". Nuko nubuye amaso mbona uwo mucyo umanuka. Abantu bari aho batangira kugwa gihumura no kugwa; nuko ijwi riranguruye, rinyeganyeza aho hose**

twari turi, rigira riti: “nkuko Yohana Mubatiza yoherejwe kugirango abanzirize kuza kwa mbere kwa Kristo, ubutumwa wahawe buzabanziriza kuza kwa kabiri kwa Kristo”. Ntabwo ari njye uzaba integuza, ahubwo ubutumwa nibwo buzaba integuza”.

Mu bibwiriza bye birenze cumi na bitandatu binyuranye, Mwene data Branham ubwe yakomeje kuvuga akomeje ko **ubutumwa** yahawe aribwo buzaba integuza yo kuza kwa kabiri kwa Kristo. Mu magambo ye twanditseho haruguru, yakomeje gushimangira ko atari we, ko ahubwo ubutumwa bwe aribwo buzaba integuza. Ni yo mpanvu iyi nteruro yongeye kuva mu kanwa ke: “**ntabwo ari jye uzaba integuza, ahubwo Ubutumwa ni bwo buzaba integuza”.**

Mu nsobanuro yagoretswe handitsemo ibi: «nkuko Yohana mubatiza yatumwe kugira ngo abe integuza yo kuza kwa mbere kwa Kristo, niko nawe watumwe kugira ngo ube integuza yo kuza kwe kwa kabiri.» Aha ntabwo ubutumwa aribwo bukitabwaho ahubwo amatsiko yose yashyizwe ku muntu, mwene data Branham, ari naryo shingiro ry’abihaye kuvuga ko byose byarangiranye n’ubukozi bwe.

Iyo myumvire igoretse ntabwo iri mu gitabo cyitwa “Ibikorwa by’umuhanuzi” gusa, ahubwo binanditse ku muryango w’inzu bari barubakiye mwene data Branham i Tuckson. Ariko iyo nzu yarangiye kubakwa yaramaze gupfa.

Ndetse no kw’ibuye ritwikiriye inva ye rimeze nk’umutemeri ufite impande enye, handitsweho iyo nsobanuro igoretse.

Ntabwo umutima nama wanjye wanyemereye gusemura icyo gitabo cyiswe “ibikorwa by’umuhanuzi”, cyane cyane kubera iyo nteruro ariko n’ibindi bidasobanutse byanditwe muri icyo gitabo. Nyamara abandi bantu bakoze uwo murimo ku buryo icyo gitabo cyasobanuwe mu ndimi nyinshi.

Dusanga ijambo “**ubutumwa** mu nteruro bwite za Mwene data Branham zirenga cumi n’esheshatu.” Naho muri za nyandiko zigoretse zavuzwe haruguru, amagambo Imana yarushijeho guha agaciro ntabwo azigaragaramo. Inshuro nyinshi Mwene data Branham yakunze kuvuga ko byasabye ijambo rimwe gusa kugira ngo umwanzi ashobore kuyobya Eva ! Nk’uko byabaye ubwo, n’ubu niko bimeze. Gukuraho ijambo nyamukuru “ubutumwa” byatumye imyunvire y’ukuri igorekwa, n’ibyo Imana yashatse kuvuga birahindurwa.

Iki kintu giteye ubwoba cyane kuko ibindi binyoma n’ubuyobe bwose ariho byakomotse. Muri icyo gitabo ndetse handitsemo aya magambo: “hari abizera ko ijwi ryavuze riti: **Ubutumwa** bwawe nibwo buzabanziriza kuza kwe”. Ibyo ntabwo tubyizera gusa, ahubwa tubifitye n’ibihamya bidashobora kuvuguruzwa.

Ni ngombwa ko umuntu abaza iki kibazo abivanye ku mutima: ese ukuri ni ukuhe ? ni icyo rya jwi ndengakamere ryavugiye mw’ijuru, bigasubirwamo inshuro nyinshi na

mwene data Branham ijambo ku rindi, cyangwa se ibyanditswe mu gitabo, no ku rugi rw'inzu cyangwa ku ibuye ry'igituro rimeze nk'umutemeri ufite impande enye, bikaba byarasakajwe hose kw'isi ?

Ese igifite agaciro ni iki? Ni icyo Imana yasezeranije!

Icyo Imana yavuze takiki11/6/1933!

Icyo mwenedata Branham yahamirije inshoro zirenze cumi n'esheshatu!

Icyo Umwami yavuze tariki 2/4/1962!

Icyo mwene data Branham yahamirije tariki 3/12/1962!

Icyo Umwami yavuze tariki 19/9/1976!

Umurimo urimo gukorwa mw'isi yose uhereye muri 1966 kugeza uyu munsi!

Invugo y'uko mwenedata Branham yaba ariwe wabaye integuza yo kuza kwa Kristo, kandi ko byose byaba byararangiye, ni ubushukanyi ndetse no kubeshya nkana. Mu "ngendo ze ndwi yagize mw'isi" – nkuko yakunze kuzita, yasuye ibihugu cumi na bibiri kandi mu bihufu icyenda muri byo yahagize amateraniro y'ivugabutumwa.
Nyuma yo kumenwa kw'ibimenyetso birindwi, muri werurwe 1963, icyari kimushishikaje cyari uko ibibwirizwa bye bijyanye n'inyigisho fatizo bifatwa amajwi bikabikwa ku mfatamajwi, uko niko ibiryo by'umwuka byashoboye guhunikwa nk'uko Umwami yari yamutegetse kubikora – kimwe nanjye – kandi nk'uko yabivuze mu kibwirizwa cye tariki 1/4/1962 kimwe n'uko nanjye nabitegetswe n'Umwami tariki 2/4/1962. Nyuma y'urupfu rwe, nibwo ubutumwa bw'Imana bwajyanywe kugera ku mpera z'isi ndetse bukaba burimo kugaburirwa ubwoko bw'Imana, nk'ifunguro ry'umwuka riteguwe neza ku meza y'Umwami.

Turabona neza ko atari "mwenedata Branham" ko ahubwo ari "ubutumwa yahawe" burimo kubanziriza kugaruka kwa kabiri kwa Kwa Kristo. Yasohoje umurimo we nk'umuhanuzi wasezeranijwe azana ubutumwa bwari bukenewe kugira ngo mu Itorero hagarurwe buri kintu. Kuva atashye, imyaka 44 irashize kandi Umwami ntabwo aragaruka. Nyamara ubutumwa butavangiye bwo muri bibiliya buracyabwirizwa kandi niko bizakomeza kuba kugeza ubwo Umukwe azaza gutwara Umugeni.

Rimwe mwenedata Branham yarabajije ati: **"Ese Ubutumwa ni iki?"** Aherako atanga igisubizo: **"Ubutumwa ni ukugarukira Ijambo! Kugaruka ku nyigisho z'intumwa! Kugaruka ku itangiriro!".** Utwaye muri we ukuri kwa Kristo ntazigera abwiriza cyangwa yihanganira ikinyoma. Niyo mpanvu ntakigomba kongerwa ku Ijambo ryanditswe, ryasezeranijwe kandi ryahishuwe. Ibyo mwenedata Branham yigishije byose bir mu Byanditswe byera, igisigaye noneho ni uko buri kintu gisyirwa neza mu mwanya wacyo mu Byanditswe byera. Yasubiyemo kenshi cyane ukwihanangiriza kuri mu Byahishuwe 22, ko nta muntu numwe ugomba kugira icyo yongeera cyangwa kugabanya kw'Ijambo ry'Imana.

Inyigisho nyinshi z'ibinyoma zirushaho kutunvikana iyo zigazragaye mu bavuga ko bishingikiriza kuri mwenedata Branham. Abo benedata bari munsi y'ubushukanyi bw'umubi ntibazi ko baba bari munsi y'umuvumo iyo bakwirakwiza ubundi butumwa? (Abag.1:6-9).

Kwohererezwa imbaraga z'ubuyobe bishoboka gusa ku bamaze gutera umugongo ukuri, ku bamaze gushyira Bibilia ku ruhande bakayaka icyubahira cyayo cyose (2 Tim. 4, n'ahandi). Buri nyigisho yo muri Bibilia irasobanutse, ni iy'ukuri kandi ifite ireme; naho buri nyigisho y'ikinyoma nta shingiro ifite kandi aba ari amateshwa.

Ku bahamagariwe gusohoka bo, ubu umucyo urimo uratandukanywa n'umwijima (2 Abak.6:14-18). Umwuka wera ni Umwuka w'ukuri kandi ayobora mu Ijambo ry'ukuri. (Yoh.16:13). "*Ariko Ijamo ry'Umwami rihoraho iteka ryose. Kandi iryo Jambo niryo ryababwirijwe n'Ubutumwa bwiza*". (1 Pet.1:25).

Ibi bikwiye kuvugwa rwose ku mugaragaro: Nk'uko Yohana umubatiza n'abandi bagaragu b'Imana bose barangije umurimo wabo, nicyo kimwe na mwenedata Branham. Yarangije ijana ku ijana abifashijwemo n'Umwami ibyari bijyanye n'inshingano yahawe.

Ibirimo gukorwa ubu byitwa ko byishingikirije kuri we ni ugusenga umuntu kandi bitanga ibyiringiro bipfuye. Ntabwo dukeneye ibindi bitabo byandikwa ku buzima bwe cyangwa benedata bacagagura imyenda ye kugira ngo bayikwirakwize muri Polonye n'ahandi. Nta n'ubwo dukeneye ko hagira umuntu wihandagaza avuga ko mwenedata Branham yaba yarasengeye umuba w'imyenda, ibitambaro bitegurwa ku meza n'amashuka mu kwezi kw'ugushyingo 1965. Nyamara biratangaje ko uvuga ibyo yari yarabyibagiwe icyo gihe cyose akaza kubyibuka mu kwezi kwa mbere ko muri 2000, ni ukuvuga hashize imyaka irenga 30. Utwo dutanyu tw'imyenda yatujyanye muri Haiti ngo dutera abantu igishyika cyinshi! Ibi byose ni umurimo w'umwuka w'ubuyobe.

Ni hehe byanditswe ko Pawuro amaze kugenda imyenda ye n'ibitambaro bye byaba byarakwirakwijwe? Ni wa mwuka umwe wo gusenga ibishushanyo Imana yacyahiye kenshi ubwoko bwayo bw'Isirayeri. Uko ni ugusenga umuntu, ni ubuyobe n'inyigisho z'ibinyoma nk'uko bitari byakigeze kuboneka mbere. Nta wari kumenya ko Petero yari afite umugore iyo Umwami adakiza nyirabukwe wari urwaye. Hanyuma se itandukaniro ryaba ari irihe hagati y'ibintu byahoze ari ibya Branham byahinduwe ibisigarizwa byera n'ibyo abagaturika b'I Roma bajya kuramya aho bagirira ingendo ntagatifu hose? Ese ibintu bwite byari ibya Branham bihuriye he n'ubutumwa bw'Imana, bihuriyehe n'ubutumwa bwiza bw'iteka bwa Yesu Kristo burimo kubwirizwa kugira ngo bubere ubuhamya amahanga yose? Ntaho bihuriye na hamwe! Ibyo ni ugusenga ibigirwamana!

Ntabwo dushobora ndetse nta n'ubwo dushaka gusesengura izo nyigisho zose zitari mu byanditswe, nko kuvuga ko umwami yaba yaramaze kugaruka, yuko hari abagabo barindwi badasanzwe bazaduka, yuko intumwa ya munani yaba yaramaze kuza, yuko Ibyanditse mu byahishuwe 10 byamaze gusohora cyangwa se inyigisho zose za paruzi n'inkuba. Nyamara, reka tubisubiremo, ni ngombwa ko ikintu kiba cyarasezeranijwe mu Byanditswe byera kugira ngo kizasohore! Ikitanditse muri Bibilia cyose kirayirwanya, kandi ikitari ukuri aba ari ikinyoma. Ukwizera nyakuri kw'abana b'Imana gushingiye mu Ijambo ry'ukuri. Itorero-Mugeni ryo rizaba rihuje ijana ku ijano n'Ijambo kuko ari urugingo rw'Umukwe, uwo Ijambo ryambariyemo umubiri. Uwo Umugeni agomba kugirana nawe ubumwe ni Umukwe ntabwo ari inshuti y'Umukwe. Inshuti y'umukwe ishimishwa cyane n'ijwi ry'Umukwe ariko Umugeni we araryunva (Yoh.3:29). Ni ngombwa ko Imana igomba kugirana ubumwe natwe, natwe tukagirana ubumwe nayo (Ibyah. 19:7).

N'ubwo bibabaje bikwiye kuvugwa: ubuyobe bukabije ni ubukomoka Jefersonville; buvuga yuko ijwi rya marayika wa karindwi wo mu Byahishuwe 10:7 ari ijwi ry'Imana. Ku buryo abantu bose bagomba kwiyunvira ubwabo ijwi bwite rya Branham. Ni nayo mpanvu yatumye inyito "*Ibitabo by'Ijambo rivuzwe*" (Spoken word publications) yahinduwe bakayigira "*Ifata majwi y'ijwi ry'Imana*" (Voice of God recordings).

Biratangaje: iyo ikibwirizwa gishyizwe mu rundi rurimi, basaba yuko ijyi ry'inkomoko naryo rikomeza kunvikana kuko ryo barifata nk'ijwi ry'Imana ubwayo! Nyamara igice kimwe cyumva insemuro ya mwenedata kanaka, ikindi kikumva iyundi, n'ikindi ni uko, ariko hose rya jwi rya Branham naryo rigakomeza kumvikanamo. Ibyo bice byose nta bumwe bw'umwuka bifitanye kandi byose bifite imyunvire inyuranye n'ubwo bose bunva insemuro zabo. Umuntu yakwibaza ukuntu ibyo bishoboka niba bose ari "Ijwi ry'Imana bunva".

Pawuro iyaba akiriho yakwongeye kwibaza ati " *ni nde wabaroze*?" Bishoboka bite ko abo bene data batabona ko ijwi rya malayika wo mu byahishuwe 10:7 ritavuga na hato ijwi ry'Imana ko ahubwo ari ijwi rya marayika wa karindwi wo mu bavuza impanda?
Nta marayika wo mw'ijuru cyangwa intumwa y'Imana kw'isi yakwiha uburenganzira bwo guhindura UBWIRU bumwe bwo mu Byahishuwe 10 ngo abugire UBWIRU bwinshi. Branham niwe wahawe inshingano, nk'intumwa ya nyuma y'Itorero, yo guhishura ubwiru bwose bujyanye n'Inama y'Imana binyuze mu bukozi bwe bwo kwigisha. Nyamara igihe ijwi rya marayika wa karindwi uvuza impanda rizunvikana, icyo gihe bizaba ari "UBWIRU BW'IMANA" (bumwe) busohoye. Amina!

Ayobowe n'Umwuka wera mu kibwirizwa cye cya mbere umunsi wa pentekosti, intumwa Petero yavuze ku by'umunsi "uteye ubwoba" w'Umwami (Maraki 4:5) awita "umunsi ukomeye kandi uhebuje" w'Umwami. (Ibyak.2:20). Pawuro nawe yavuze ku

by'umunsi ukomeye ku bijyanye n'itorero, awita umunsi uhebuje wo kugaruka kw'umwami Yesu Kristo: "*Niwe uzabakomeza kugeza ku mperuka, kugira ngo mutazabaho umugayo ku munsi w'Umwami Yesu Kristo*" (1 Abakor.1:8; 2 Abakor.1:4; Abafir.: 1:6-11). Pawuro abwira abizera nyakuri aragira ati: "mwerekane Ijambo ry'ubugingo kugira ngo mbone uko nzirata ku munsi wa Kristo, yuko ntirukiye ubusa kandi ntaruhijwe n'ubusa" (Abafir. 2:16). Nyamara ayo magambo yavuzwe ku munsi uhebuje wa Kristo ntabwo yahinduye ubusa insobanuro y'umunsi "uteye ubwoba w'Umwami", igihe isi izagurumana (2 Petero:3:10). Ni nako ubukozi bwa mwenedata Branham butahinduye ubusa ishyika ry'ibivugwa mu Byahishuwe 10. Nongere mbisubiremo: turabona ko ari ikintu cya ngombwa cyane ko buri kintu gishyirwa mu mwanya wacyo, cyane cyane iyo ijambo ry'ubuhanuzi bwa Bibilia bushobora gusohora mu buryo bubiri bunyuranye. Icyo gihe nta kuvuguruzanya kuba kuriho ahubwo usanga ari ubwuzuzanye.

Uko biri kose intore zonyine nizo zishobora gusobanukirwa ibyo kuko nta kindi zizera uretse ibivugwa n'ibyanditswe byera, niyo mpanvu zidashobora gushukwa kuko abandi bo bizera ibyo bishakiye. Mfite inshingano itaziguye imbere y'Imana kubw'Itorero-mugeni muri iki gihe, rigomba kuba Umugeni-Jambo utunganye. Ibyanditswe byera bitwereka neza aho intumwa ndwi z'amatorero arindwi zanditswe, aho abamarayika barindwi b'impanda bari n'igihe abamarayika barindwi b'ibyago by'umujinya w'Imana bazakorera umurimo wabo, n'ibindi.

Gushyira buri kintu mu mwanya wacyo nk'uko byanditswe mu gitabo cy'ibyahishuwe

Mu gitabo cy'Ibyahishuwe igice cya 1, tubona Umucunguzi nk'Umwana w'Umuntu agandagenda hagati y'amatabaza arindwi y'izahabu. Afite mu kuboko kwe kw'iburyo inyenyeri ndwi, mu kanwa ke hasohokamo inkota ityaye impande zombi kandi mu maso he hameze nk'izuba ryaka cyane.

Mu gice cya kabiri n'icya gatatu, tuhasoma UKO NIKO UMWAMI AVUGA ibwirwa ba marayika b'amatorero arindwi. Ku iherezo rya buri butumwa, isezerano rihabwa abazanesha.

Mu gice cya kane, Yohana abona Umwami ari ku ntebe y'ubwami, izengurutswe n'umukororombya. Abona inyanja y'ibirahuri, bya bizima bine nab a basaza makumyabiri na bane hanyuma yunva aya magambo: "*Uwera, uwera, uwera ni Umwami Mana, Ishobora byose, Ihoraho, iyahozeho kandi iza*!"

Mu gice cya gatanu, Yohana abona mu kiganza cy'uwari yicaye ku ntebe y'ubgami igitabo gifatanishijwe ibimenyetso birindwi. Yunva umwe mu basaza avuga ati "*wirira, dore intare yo mu muryango wa Yuda yaranesheje kugira ngo abumbure igitabo n'ibimenyetso byacyo birindwi*". Nyuma y'ibyo abona umwana w'intama umeze nk'uwatambwe, araza afata igitabo kugira ngo abumbure ibimenyetso byacyo.

Mu gice cya 6 (umurongo wa 1 kugeza 8), turabwirwa ibiba mu gihe kijyanye n'ibimenyetso bine bya mbere. Ibimenyetso bine bya mbere bitwereka antikristo mu byiciro bine bikurikirana yigaragazamo mu bihe byose by'Itorero, kugeza ku iherezo.

Ku kimenyetso cya gatanu (umurongo wa 9 kugeza 11), tubona abayahudi bishwe, abo imyuka yabo iri munsi y'igicaniro basaba guhorerwa. Bagomba gutegereza kugeza ubwo bagenzi baba mu murimo no bene se bazicwa nkabo mu gihe cyo gutotezwa kwabo gukomeye.

Mu kimenyetso cya gatandatu, (umurongo wa12 kugeza 17), tuhabona mu buryo burondoye ibizaba mu gihe cyo kubabazwa no gutotezwa bikomeye bizaba nyuma y'izamurwa ry'Itorero. Nyuma izuba rizijima nk'ikigunira kibohesheje ubwoya, ukwezi kwose kuzasa n'amaraso n'inyenyeri zizagwa kw'isi (6:12). Uko ninako byamaze kwandikwa mugitabo cy'umuhanuzi Yoweri 2:31, 3:15 no mu Byakozwe n'intumwa 2:20.

Kugirango abantu bose babyunve neza kandi bashyire ibizaba mu mwanya wabyo bishingiye ku buhanuzi bwa Bibilia, reka dusubire mubyo Umwami wacu ubwe yivugiye kugirango tumenye igihe bizabera: "*Ariko hanyuma y'umubabaro wo muri iyo minsi, izuba rizijima, n'ukwezi ntikuzatanga umwezi wakwo, inyenyeri zizagwa ziva mu ijuru, n'imbaraga zo mw'ijuru zizanyeganyezwa…*" (Mat.24:29).

Biragaragara ko ikimenyetso cya gatandatu aricyo gitangiza umunsi w'Umwami, umunsi w'umujinya. Uko ni ko byanditswe: "*nuko mbona amena ikimenyetso cya gatandatu, habaho igishyitsi cyinshi, izuba ririjima nk'ikigunira kibohesheje ubwoya, ukwezi nako kuba nk'amaraso… kuko umunsi ukomeye w'umujinya wayo usohoye, ninde ubasha kurokoka* ?" (Ibyah.6:12-17).

Mwenedata Branham yashatse kubwiriza ku mpanda ndwi ariko abwirwa ko ibyo bitareba Itorero, kuko bijyanye n'igihe cyagenewe Isirayeri. Mu by'ukuri, ibijyanye n'impanda z'ibihano, kimwe n'ibyago/ibyorezo, byose bizaba kw'isi mu gihe c'ikimenyetso cya gatandatu n'icya karindwi, ni ukuvuga nyuma yo kuzamurwa kw'Itorero kugeza ubwo hazatangazwa ingoma y'imyaka igihumbi y'Umwami.

Mu gice cya karindwi, uhereye ku murongo wa 1 ukageza ku wa 8, nicyo gihe ba bandi 144.000 bo mu miryango 12 y'Isirayeri bazashyirwaho ikimenyetso. Uhereye ku murongo wa 9 ukageza 17, tubona ko Imana ikomeza kuba iyo kwiringirwa ku bayo basanzwe batiteguye ntibagira uruhare mu izamurwa. Bashikamye mu kwizera "*bameshe*

amakanzu yabo, bayejesha amaraso y'Umwana w'intama" Ndetse na nyuma y'izamurwa, amaraso akomeza kuvuganira abacunguwe bazagomba guca mu kubabazwa gukomeye. Abazamuwe, bicaranye na Kristo kandi bazimana na we (Apoc. 3:21; 5:10). Abagombye guca mu kubabazwa gukomeye bo bari imbere y'intebe y'ubwami, bakorera imana amanywa n'ijoro mu rusengero rwayo. Uhangara kuvuga ko amaraso atakiri ku ntebe y'imbabazi ari mu kwibesha gukomeye.

Mu gice cya 8, ubwo ikimenyetso cya 7 gifungurwa, niho tumenyeshwa ibyabamarayika barindwi bafite impanda. Tugomba kwitondera ibi bikurikira:

Hariho abamarayika barindwi b'Itorero (Ibyah igice cya 1 kugeza 3).

Hariho abamarayika barindwi bafite impanda (Ibyah. 8-11).

Hariho abamarayika barindwi bafite ibyago/ibyorezo by'umujinya (Ibyah. 15-16).

Impanvu yatumye mwenedata Branham asoma gusa umurongo wa mbere w'Ibyahishuwe 8 ubwo yabwirije ku kimenyetso cya karindwi tariki 24/03/1963, bikomeje kuba ubwiru. Ibyabaye mw'ijuru mu gihe cyo guceceka kw'igice cy'isaha ntabwo byanditse, nyamara ibibera kw'isi ubwo ikimenyetso cya karindwi cyafungurwaga byo bivugwa byeruye uhereye ku murongo wa 2: "*nuko mbona ba bamarayika barindwi bahagaze imbere y'Imana, bahabwa impanda ndwi*".

Nuko hakurikiraho kurondora ibibera kw'isi muri icyo gihe: "*nuko abamarayika barindwi bari bafite impanda bitegura kuzivuza*" (umur.6).

Nimurebe.mu gihe ikimenyetso cya karindwi gifunguwe, ntabwo ari ibyabwiwe abamaraika barindwi b'itorero biba ahubwo ni ibirimo kubera kw'isi mu gihe cy'ibihano bitangazwa n'impanda ndwi:

Umurongo wa7: "marayika wa mbere avuza impanda…"

Umurongo wa 8 n'uwa 9: "marayika wa kabiri avuza impanda…"

Umurongo wa 10 na 11: "marayika wa gatatu avuza impanda…"

Umurongo wa 12 na 13: "marayika wa kane avuza impanda…"

Igice cya 9:1-12: "marayika wa gatanu avuza impanda…"

Igice cya 9: 13-21: "marayika wa gatandatu avuza impanda…"

Ibitangazwa mu bice bya 8 na 9 byose bizasohora ijana kw'ijana nk'uko byanditse mw'Ijambo ry'Imana.

Mu gice cya 10, Umwami amanuka nka Marayika w'Isezerano kandi nka nyir'ibintu byose. Ashyira ikirenge cye cy'iburyo ku Nyanja n'icy'ibumoso ku butaka. Nko mu gice cya 4, azengurutswe n'umukororombya. Hanyuma arivuga nk'Intare y'umuryango wa Yuda kuko ibiba ari Isirayeri bireba (Yerem. 25:30b; Hoseya 11:10; Yoweri 3:16 na Amosi 1:2); Icyo nicyo gihe za nkuba ndwi zizunvikanisha guhinda kwazo.

Buri nyigisho y'inkuba si ikindi uretse umukino wa kidini, ni insobanuro yihariye y'umuntu Imana ubwayo ibuza (2 Pet.1:20). Kugeza uyu munsi nta marayika w'impanda n'umwe wari wayivuza. Tariki 28 werurwe 1963, ntabwo byari amajwi arindwi ahubwo kwari ugukubita gukomeye kw'inkuba inshuro ndwi zikurikiranye, ku buryo byahindishije umushyitsi akarere kose. Impanvu y'uko gukubita kw'inkuba byari nko gukangura mwenedata Branham kugira ngo yitegurire guhishurwa kw'ibimenyetso birindwi, nk'uko yari yarabibwiriwe mu gicu ndengakamere. Abamarayika barindwi nibo bagaragaye mu gicu, ntabwo ari Itorero-Mugeni.

Nyuma y'uko Yohana abwirwa gushyira ikimenyetso ku byavuzwe no guhinda kw'inkuba ndwi, marayika azamura ukuboko kwe kw'iburyo mw'ijuru ararahira. Ugereranije kurahira ko mu Byahishuwe 10:6 na uko muri Danieri 12: 7-8 bigaragara ko uhereye icyo gihe haba hasigaye gusa imyaka itatu n'igice kugira ngo ingoma y'imyaka igihumbi itangazwe: *«..bizamara igihe, n'ibihe, n'igice cy'igihe…»* (umurong wa 7).

Mu Byahishuwe 10:7 tubwirwa ibigiye kuba ubwo marayika wa karindwi azavuza impanda: *«…mu minsi ya marayika wa karindwi, ubwo azavuza impanda , UBWIRU BW'IMANA buzasohora…»*.

Mu gice cya 11 uhereye ku murongo wa 15, niho tubona gusohora: "*marayika wa karindwi avuza impanda. Nuko hunvikana amajwi afite imbaraga mu ijuru avuga ati: ubwami bw'isi bweguriwe Umwami wacu hamwe na Kristo we, kandi azahora ku ngoma iteka ryose*".

Mu rwandiko mbwirwabenshi rwo mu kwezi kwa Nzeli, twanditse ku bijyanye n'ubwiru bwinshi bw'ubwami bw'Imana ndetse no ku BWIRU bumwe BW'IMANA. Ubwo bwiru (mu buke) ni Yesu Kristo Umwami wacu, Imana yagaragaye yambaye umubiri (1 Timot.3:16).

Itangazo rikozwe mu Byahishuwe 10:8-11: "*Ugomba kongera guhanura…*" biganisha ku Byahishuwe 11, aho bavuga iby'ubukozi bw'abahanuzi babiri bazahanurira I Yerusalemu kumara imyaka itatu n'igice (umurongo wa 3).

Mu bice 15 na 16, haravugwa iby'imanza z'ibihano hamwe n'ibyago birindwi byihariye: "*Nuko mbona mu ijuru ikindi kimenyetso, gikomeye kandi gutangaje: ni icy'abamarayika barindwi bafite ibyago birindwi, aribyo bya nyuma kuko muri byo arimo umujinya w'Imana wuzurira*" (Ibyah.15:1).

"*Nuko nunva ijwi rirenga rivugira muri rwa rusengero ribwira abamarayika riti: nimugende musuke ku isi izo nzabya ndwi z'umujinya w'Imana*" Ibyah.16:1)

Umurongo wa 2: "*marayika wa mbere aragenda asuka igikombe cye ku isi…"*

Umurongo wa 3: "*marayika wa kabiri asuka urwabya rwe ku Nyanja…"*

Umurongo wa 4: "*marayika wa gatatu asuka urwabya rwe mu nzuzi, n'imigezi, n'amasoko…*"

Umurongo wa 8: "*marayika wa kane asuka urwabya rwe mu zuba…"*

Umurongo wa 10: marayika wa gatanu asuka urwabya rwe ku ntebe y'ubwami ya ya nyamaswa…"

Umurongo wa 12: "*marayika wa gatandatu asuka urwabya rwe mu ruzi runini Efurati…"*

Umurongo wa 17: "*marayika wa karindwi asuka urwabya rwe mu kirere,. Ijwi rirenga rivugira mu rusengero kuri ya ntebe riti: birarangiye*!".

Nta kuntu ibizaba bishobora kurondorwa mu buryo busobanutse birenze uku. Ibireba itorero cyangwa Isirayeri n'ibizaba byose muri rusange kugeza ku iherezo, byatugejejweho mu Ijambo kandi bitondekanijwe mu buryo bweruye kandi busobanutse.

«Ni jye Mana… Ndavuze nti: Imigambi yanjye izakomera…

(Yesaya 46:9-10) *»*

Ibiri mu mugambi (ibyemezo) y'Imana byose bizasohora. Ibyiza biri imbere. Imana izasoza mu cyubahiro umugambi wayo wo gucungura nk'uko yashoje umugambi wayo wo kurema. Abahanuzi bose bagize igihe cyabo n'umwanya wabo, nk'uko Yohana mubatiza nawe yari mu cyuho hagati y'Isezerano rya cyera n'Isezerano rishya (Luka 16:16). Nyamara gucungurwa kwasezeranijwe ko kwakozwe n'Umwami ubwe.

Mu gihe cyose cy'Isezerano rishya, naho Umwami yakomeje kugira abantu yakoresheje, iby'umwihariko abamarayika barindwi b'Itorero. Byongeye kandi, uhereye mu gihe cy'ivugururwa, imana yarongeye itangira gukora kugira ngo ibone gusoza mu gihe cyacu binyuze mu bukozi bukomeye butari bwakabayeho. Ese Ibyanditswe bivuga iki ku bindi bigomba kuza? Ninde uzabisohoza?

Igikurikira cyahanuriwe ibihe bya nyuma: "*kandi abantu babi n'abiyita uko batari bazarushaho kuba babi, bayobya abandi nk'uko nabo bayobye ubwabo*" (2 Timot.3:13).

Ariko Imana yari yarasezeranije ibi bikurikira: "*gukiranuka nzakugira umugozi uringaniza, ubutabera mbugire urubaho rupima rw'umwubatsi*; *kandi urubura ruzatwara ubuhungiro bwo gukiranirwa, n'amazi azarengera ubwugamo bw'ikinyoma*" (Yesaya 28:17). Nk'uko iri jambo ryabaye ihame ku bakozi b'imana nyakuri: "*Wowe ho, wakurikiriye hafi inyigisho zangye, n'ingeso zangye, n'imigambi no kwizera no kwiyumanganya, n'urukundo, no kwihangana* …" (2 Timot.: 3:10).

Nyamara kw'iherezo, Umwami azifatira umurimo we mu biganza bye: *«kuko Uwiteka azahaguruka nko ku musozi wa Peratsimu, azarakara nko mu kibaya cy'I Gabaoni; kugira ngo akore umurimo we, umurimo we udasanzwe, kugira ngo akore umurimo we, umurimo we utangaje»* (Yesaya 28:21).

*«Kuko Umwami (*ntabwo ari umuhanuzi*) azakora byuzuye kandi vuba cyane kw'isi icyo yagambiriye»* (Abaroma 9:28).

Twaburiwe n'aya magambo : "*nuko mwihangane, benedata* ***kugeza ubwo Umwami azazira****. Dore umuhinzi ategereza umusaruro w'ubutaka ufite agaciro kanini, akabwihanganira, kugeza ubwo buboneye invura y'umuhindo n'invura y'itumba* " (Yak. 5:7).

«Nimusabe Uwiteka abahe invura, invura y'itumba! Uwiteka azazana imirabyo, kandi azabohereereza invura nyinshi, Azaha buri wese urwuri mu murima we» (Zakaria 10:1).

Tariki 18/5/1962, mwenedata Branham yavuze ku byerekeye guterana kw'umukumbi muto nuko icyo gihe yibwira ko: "**nko mu gihe cy'ukwezi kumwe Itorero rishobora kuzaba ryazamuwe**". Nta muntu uzi igihe uwo umurimo ndengakamere w'Imana uzamara wu Itorero-mugeni. Nyamara abazagira uruhare ku kuzamurwa bose uzabageraho, ntabwo bizaba ari agatsiko gato kari muri Amerika gusa, ahubwo bizaba ku bagize Umugeni bose mu bihugu byose byo ku isi. Nta muhanuzi n'umwe washoboraga kubera hose icyarimwe. Imana ubwayo niyo ibera hose icyarimwe kandi nk'uko twabisomwe, Izarangiza umurimo wayo mu cyubahiro "*si ku bw'imbaraga, si ku bw'ububasha, ahubwo ni ku bw'Umwuka wangye, niko Uwiteka Nyiringabo avuga*" (Zakariya 4:6).

Umwuka w'ubuyobe n'ubushukanyi niwo utuma inyigisho zose z'ibinyoma n'insobanuro bwite z'abantu bifatwa nk'aho ari ukuri. Abantu barashukwa, bakiringizwa ibinyoma ko umuhanuzi azongera kugaruka akagira ubundi bukozi azakorera mu ihema. Abantu bavuga ibyabaye kera, bakavuga na ibishobora kuzaba mu gihe kiri imbere, nyamara ntibamenye ibyo Imana irimo gukora ubu.

Ese ibintu byose ntibyagombaga gutunganywa no kugarurwa uko byari bimeze mu itangiriro binyuze mu bukozi bwasezeranijwe (Matayo 17:11; mariko 9:12) ? Kandi Kristo agomba kuguma mu ijuru kugeza ubwo ibyo Imana yavugiye mu kanwa k'abahanuzi bayo bera byose bizatunganywa (Ibyak. 3:17-23). Nyamara ibi bizakorwa nu Itorero-mugeni honyine kandi umurimo wa nyuma Imana izakora nawo uzakorwa mu bahamagariwe gusohoka bakava mu rwijiji rwose, kugeza no kuri uru rwijiji rwa nyuma.

Itorero-mugeni ni Imbuto-Jambo itavangiye.; ibindi byose ni imbuto zinyuranye z'uruvange. Ibyo nvuga cyangwa se ibyo nandika ndabizi neza. Ibi ndabikora mbitumwe n'Imana ubwayo, nk'umuhamya wiboneye ibyo Imana yakoze mu gihe cyacu kandi igikora na nubu. Bene data bose bagaragara mu murimo ubu, batigeze bibonera ubwabo ubukozi ndengakamere bw'Imana bwabaye muri za '50 na '60, batari bakavuka cyangwa batari bakavuka ubwa kabiri icyo gihe, nta kuntu bashobora kuba abahamya mu by'ukuri. Ese ni iki bashaka guhamiriza? Yohana niwe wanditse ati: "…ibyo amaso yacu yabonye, ibyo twirebeye kandi intoke zacu zikoreyrho…" (1 Yoh.1:1). Yemwe bugingo bw'Umugeni mwe, mwe gushidikanya na hato ko nta kinyoma na kimwe gikomoka mu kuri. Mureke

kuba nk'abana, mujye mugenzura ibyanditswe buri munsi kugira ngo murebe niba ibivugwa ariko biri rwose (Ibyak.:17:11). Mwite ku mbūro y'Umwami mukomeje: "*Ntihakagire ubayobya*…" (Abefeso 4:5).

"…*Ibashoboza imirimo yose myiza kugira ngo mushyitse ubushake bwayo, Ikorere muri mwe ibyo kuyiyishimisha, kubwa Yesu Kristo, ukwiy'icyubahiro iteka ryose! Amina!" (Abaheb.:13:21).*

Gusemurwa kwa Bibilia

Iyo umuntu arebye ibintu binyuranye muri za Bibilia uko zashyizwe mu ndimi zinyuranye z'ibihugu bitandukanye, asanga ari ngombwa ko hagira umucyo utangwa. Nk'urugero, muri Bibilia yo mu rurimi rw'ikidage, harimo ijambo "*kugaruka kwa Kristo*" inshuro 19, mu gihe bitari mu zindi ndimi. Nyamara, biranditswe koko ngo : "*nzagaruka*", ibi bigatanga itandukaniro hagati yo *kugaruka* kwasezeranijwe muri Yohana 14:1-3 hamwe n'ukundi kuza kose: "…*ubwo nzagenda, nimara kubategurira ahanyu, nzagaruka…".* Kugaruka kwa Kristo ni kumwe gusa, niko dutegereje, hanyuma hakabaho ukundi *kuza* nk'ukuvugwa muri Zakariya 14, ubwo azamanuka nk'Umwami Imana ku musozi w'imyerayo. Muri matayo 6:13, mu isengesho ry'Umwami, byagombye kuba byaranditswe, hashingiwe ku rurimi rw'ikiarameyani, muri ubu buryo: "..*utuyobore kugira ngo tutagwa mu moshya*…" kuko "…*ntihakagire uvuga, mu gihe ageragejwe ati ni Imana ingerageje.kuko Imana idashobora kugeragezwa n'ikibi, kandi nta muntu Imana igerageza*… " (Yakobo 1:13) kandi iherezo ry'isengesho "…*kuko ubwami, n'ubutware ari ubwawe none n'iteka ryose amina* !" ntabwo riri mugitabo cy'umwimerere cy'isezerano rishya, ahubwo ryongerewemo hanyuma.

Kimwe n'uko mu nyandiko ya mbere na mbere ya Matayo 28:19 handitswe ngo: "*mugende mu mahanga yose muyahindire abigishwa, mubabatiza mu Izina ryangye* (onto onomati mou)". Invugo "mubabatize mu Izina rya Data, n'Umwana, n'Umwuka wera" yakomotse ku gitekerezo cy'ubutatu, nuko iza kongerwamo nyuma y'inama ya Nikea.

Mu Befeso 3:14-15, hagombaga kwandikwa : "*ku bw'ibyo, mfukamye imbere ya Se w'Umwami wacu Yesu Kristo, ukomokwaho n'igifite izina cyose mu ijuru no mw'isi*…". Uko byasemuwe ngo *"ukomokwaho n'imiryango yose yo mu ijuru no kw'isi"* ni ikinyoma gikomoka ku gihe itorero ryahimbaga ukwizera kwaryo kumwe kwagombaga kwaturwa. Imirongo ya 14 na 15 irajyana. Ntabwo pawuro yigeze apfukama imberey'umuryango mw'ijuru, kuko owo muryango utabaho, ahubwo yapfukamye imbere ya Data, we uri ku ntango kandi ukomokwaho na byose biri mu ijuru no mw'isi. Uyu murongo wa Bibilia wagoretswe, ni kimwe mu byashingiweho ubwo kirizia gatorika y'iburasirazuba

n'iy'uburengerazuba bashingaga inyigisho y'ubutatu bw'abantu "batatu bahoraho iteka ryose".

Hejuru y'ibi, haje irindi hindagurwa muri bibiliya zanditswe mu rurimi rw'ikiratini, nyuma bishyirwa muri Bibiria yitirwe Umwami Jakobo no mu zindi ndimi, hongerwamo iby'ubutatu muri rwandiko rwa mbere rwa Yohana 5:7: "*kuko hariho ibihamya bitatu mu ijuru: Data, Ijambo n'Umwuka wera. Kandi ibyo uko ari bitatu ni umwe*".

Ibyo nabyo ni ibyongewemo mu kinyejana cya 15 n'abiswe abakurambere b'itorero ryizera ubutatu. Ndiho ndasoma muri Bibilia yo mu rurimi rw'Icyongereza nk'iyo Branham yakoreshaga, ku nsobanuro zishyirwa hasi y'urupapuro handitswe ngo: "mu buryo rusange, birakwiye ko bivugwa ko umurongo wa 7 utari mu nyandiko y'umwimerere nyirizina". Niyo mpanvu uyu murongo utagaragara muri Bibilia nimwe yo mu rurimi rw'Ikidage, ku buryo bikunze gutera urujijo abasobanura bavana mu rurimi bashyira mu rundi.

Muri 1 Yohana 4:2, handitswe ngo: "*iki abe aricyo kibamenyesha umwuka w'Imana: umwuka wose uvuga ko Yesu Kristo* ***yaje afite umubiri*** *niwo uva ku Mana…*" kuko ibyo bivuga kuza kwa mbere kwa Kristo.

Muri 2 Yohana umurongo wa 7, hakagombye kwandikwa ngo: "*kuko abayobya benshi baje mw'isi batemera ko Yesu Kristo* ***azaza afite umubiri****. Uvuga atyo niwe uyobya kandi ni we Antikriso*". Birunvikana neza ko uyu murongo uvuga ibyo kugaruka kwa Kristo.

Umwami, Imana yacu itugirire impuhwe, kugira ngo twekwibanda gusa ku kureba inyuguti z'insobanuro za Bibilia uko zinyuranye, ahubwo tuyoborwe n'Umwuka wera mu kuri kose. Abagize Itorero-Mugeni muri Yesu Kristo bose bunze ubumwe mu ijambo ry'Imana munsi y'amaraso y'Umwana w'Intama, amaraso y'isezerano rishya kandi bari munsi y'ubuyobozi bw'umwuka wera, ubayobora mu kuri kose.

Ku bw'imyunvire myiza

Ushaka gusobanukirwa neza urwandiko rwa mbere rw'abatesalonika 4:6, agomba kubanza gusoma ibyanditswe muri Zaburi 47:6: "*Imana izamukanye impundu, Uwiteka azamukanye ijwi ry'impanda*". Dusanga ayo magambo amwe mu rwandiko rwa mbere rw'abatesalonika 4:6: ijwi rye riranguruye ritegeka (ijwi rirenga) rikimara kunvikana, impanda y'imana izavuga, noneho Umwami ubwe amanuke. Amaze gusohoza umurimo we wo gucungura, Intwari yanesheje I Karuvari yazamutse mu ijuru kandi hamwe n'akamo azamukana abera bo mu Isezerano rya kera bazutse (Matayo 27:45-53). Icyo gihe niho iri Jambo ryasohoye: "*Mwa marembo mwe nimwunamuke, mwa marembo*

y'iteka mwe nimweguke, kugira ngo Umwami nyir' icyubahiro yinjire, Uwo Mwami w'icyubahiro ni nde? Ni Uwiteka nyir'imbaraga n'amaboko, ni Uwiteka ufite amaboko mu rugamba" (Zaburi 24:6-7).

Imirongo ikurikira nayo ijyanye n'ibyo: "*Uwiteka yatanze ijambo – ijwi ry'intsinzi* (Bibilia yo mu Kidage)"…: (Zaburi 68:12 a)

"*Warazamutse ujya ahirengeye, ujyana kunyaga nk'umunyago, waherewe abantu impano*" (Zaburi 68:19a).

"N*icyo gituma havugwa ngo : amaze kuzamuka mu ijuru, ajyana iminyago myinshi, aha impano abantu*…" (Abefeso 4:8).

Umwami, Umucunguzi, azamanukana na rya jwi rirenga ry'intsinzi, ijwi ritegeka ry'imbaraga nyinshi, nuko abapfiriye muri Kristo babanze bazuke: "*ibyo ntibibatangaze, kuko igihe kigeze ubwo abari mu bituro bazunva ijwi rye, nuko bagasohoka. Abazaba barakoze ibyiza bazazukira guhabwa ubugingo* (umuzuko wa mbere), *ariko abazaba barakoze ibibi bazukire gucirwa urubanza* (kuzuka kwa kabir)" (Yohana 5:28-29; Ibyahishuwe 20: 11-15).

Ubwo yazamukaga, abamarayika baravuze bati: "…*Uyu Yesu ubakuwemo akazamurwa mu ijuru, azaza (azagaruka) atyo nk'uko mwamubonye ajya mu ijuru*" (Ibyakozwe 1:11). Nuko imiryangi imeze nk'amasaro izakingurwa, twinjire muri Yerusalemu nshya. Aleluya ! Umugeni we arimo aritegura ubu. Amina.

"Ikibazo" gikomeye

Benedata baguye munsi y'umwuka w'ubuyobe baterwa ibibazo n'umuhamagaro wanjye n'inshingano nahawe baribaza: "Kuki Mwenedata Branham atavuze izina ryawe ku mugaragaro?". Iyo ndeba Ijambo ry'ubuhanuzi, ntabwo nibaza nti: "Kuki Umwami Imana , muri Yesaya 40:3, atavuze izina akavuga gusa ati ni ugomba gutunganya inzira?" Ibyo byari bihagije kugira ngo Umwami abe yaravuze ati: "*Ijwi ry'urangurura mu butayu*…".

Kimwe n'uko muri Maraki 3 handitswe ngo: "Dore nzohereza intumwa yanjye, itegure inzira imbere yanjye…". Ntabwo izina ry'iyo ntumwa ryigeze rivugwa.

Mu isezerano rirusha ayandi gukomera ryo mu gihe cyacu, iryo muri Maraki 4:5-6, naho izina ntabwo ryavuzwe, haba no muri Matayo 17:11 no Mariko 9:12. Uwiteka Imana yaravuze gusa ati: "*Dore nzabohereereza Eliya umuhanuzi, azagarura byose*…". Mutekereze gusa iyo hongerwaho ngo "…kandi azitwa William Branham…", icyo gihe bose, n'abavuga butumwa b'ibyamamare ku isi, bari guhatirwa kumwemera. Nyamara nta muntu Imana ihata kuko kwizera ari impano iva ku Mana, ni uguhishurirwa kujyanye n'isezerano ndetse no gusohozwa kwaryo. Udashaka cyangwa udashobora kwizera,

ntazigera yizera n'aho umuntu yazuka akava mu bapfuye, ni ko Umwami wacu yavuze (Luka 16:29-31).

Nimutekereze, iyo umurongo wo muri Matayo 24:45-47 uba utavuze gusa umukozi ukiranuka kandi w'ubwenge uzakwirakwiza igaburo ry'umwuka ku bo mu nzu ye bose, ahubwo ukavuga n'izina rye. Icyo gihe bose bari guhatirwa kumwemera, kugeza ku bashukanyi. Umunsi nabazwaga n'uwitwa Don Bablitz, uwari ushinzwe iyoherezwa ry'ibitabo I Edmonton (muri Kanada), niba Bibilia hari aho yavugaga k'ubukozi bwanjye nk'uko ivuga k'ubukozi bwa mwenedata Branham, nahereyeko namaganira kure icyo gitekerezo. Nyamara mu masaha 24 yakurikiye, Imana ubwayo yatanze igisubizo. Nongeye guhamya ko nunvise ijwi rikomeye ry'Imana ku cyumweru mu gitondo, tariki 19/9/1976, I Edmonton muri Kanada, izuba rikirasa: "*Mugaragu wanjye, nagushyiriyeho gutanga igaburo nk'uko byanditswe muri Matayo 24: 45-47* ". Ntabwo kugeza ubwo nari narigeze gutekereza kuri uwo murongo wa Bibilia cyangwa kuwubwirizaho. Nyamara amagambo y'umwami ni ay'ukuri kimwe no muri Yohana 3:16, kandi icyo Umwami avuze gihora ari ukuri iteka ryose: "*Ni ukuri, ni ukuri ndababwira yuko, uzakira uwo nzaba natumye ni jye azaba yakiriye, kandi unyakira azaba yakiriye uwantumye*" (Yohana 13:20).

Umwami wazutse yabwiye intumwa ati: "…*Amahoro abe hamwe namwe! Nk'uko Data yantumye nanjye ndabatumye*" (Yoh.20:21). Byabaye gukomeza umugambi w'agakiza. Pawuro, nawe utarigeze avugwa izina mbere, yahawe inshingano ikomeye nk'iyo mu mugambi w'agakiza. Yahangaye gufata Ijambo ry'ubuhanuzi ryo muri Yesaya 49:6 na matayo 12:17-21, rireba Umwami wacu, aryerekeza kuri we no ku ntumwa: "*kuko uko ariko Umwami yadutegetse ati: ngushyiriyeho kuba umucyo w'abanyamahanga*" (Ibyakoz. 13:47).

Kugeza kuri uyu mnsi tubwiriza- njye kubindeba ubwanjye- ubutumwa bwiza bumwe twigishijwe na we (1 Yohana 1:5). Hafi mu bihugu 150 nasuye ubwanjye, abantu amamiliyoni bunvise ubutumwa bwiza bubwirijwe n'akanwa kanjye, kandi benshi babishimira Imana.

Mu itangiriro ry'igice cyo mu Isezerano rya kera gifite agaciro kuruta ibindi ku bijyanye n'umugambi n'amateka y'agakiza, handitswe ngo: "*Ninde wizeye ibyo twunvikanishije, ese ukuboko kw'Uwiteka kwahishuriwe nde?"* (Yesaya 53:1). Uwizera uwatumwe n'Imana niwe wenyiwe uhishurirwa ukuboko kw'Uwiteka.

Mugihe Matayo 25 irimo gusohora, abari b'abanyabwenge buzuye Umwuka wera by'ukuri kandi bayoborwa nawo nibo bonyine bazahishurirwa ibyasezeranijwe muri Matayo 24 kandi byahamirijwe na mwenedata Branham. Ubu, ubutumwa bwa nyuma burimo burabwirizwa, umuhamagaro wa nyuma ni umuhamagaro wo gukanguka kuko

abari bose bari basinziriye. Umuhamagaro wa nyuma uhamanya n'ingingo nyamukuru: "*Dore umukwe araje, musohoke mujye kumusanganira*!"

"*Mbega uburyo bw'ubutunzi, n'ubwenge n'ubumenyi by'Imana bitagira akagero! Imigambi yayo ntihishurika n'inzira zayo ntizirondoreka!*" (Abaroma 11:33). Kugeza kuri uyu munsi nta muntu wigeze abwira Imana icyo igomba gukora n'uko igomba gukora.

Icyambere, ibanza gutanga isezerano, hanyuma ikarisohoza. Ubwo ighe cyageraga ko isohoreza ubwoko bw'Isirayeri isezerano ryo mu Itangiriro 15:13, Imana yihishuriye umugaragu wayo Mose. Icyo gihe kigeze ku iherezo ryacyo, Imana ituma umugaragu wayo Yosuwa. Ubwo Eliya yarangizaga umurimo we, Elisa yarakomeje. Igihe cyose habaho ihererekanwa ry'umurimo. Ubwo Yohana mubatiza yari arangije umurimo we, Ubukozi bw'Umwami wacu bwaratangiye. Umurimo wo gucungura umaze gukorwa, Itorero ryo mu Isezerano rishya rirashingwa. Petero, umugabo wo ku isaha ya mbere nawe yashyizwe mu murimo n'Umwami. Hakurikiraho umuhamagaro wihariye w'intumwa Pawuro, nyuma yaho intumwa Yohana ihabwa guhishurirwa kwa nyuma kwa Yesu Kristo. Ibigomba kuba byose kugeza ku iherezo ry'ibihe byarerekanywe, kuko yeretswe kugeza ku isi nshya n'ijuru rishya.

Mu bitabo by'butumwa bwiza uko ari bine, dusangamo byose, uhereye ku ivuka ry'Umucunguzi kugeza azamutse mu ijuru. Igitabo cy'Ibyakozwe n'Intumwa kitwereka ibyabaye mu Itorero rya Yesu Kristo, ibyaribwirijwemo, uko umubatizo wakorwaga, n'uburyo kubatizwa mu Mwuka wera byasohoye. Pawuro mu nzandiko ze, yanditse byose bijyanye n'umugambi w'agakiza, byaba ari ibijyanye no kubwiriza ubutumwa, inyigisho fatizo cyangwa Ijambo ry'ubuhanuzi. Kubw'ubuntu bw'Imana, nanjye maze imyaka 47 nkora umurimo nashinzwe n'Imana tariki 2 Mata 1962.

Abahamya babiri

Nabanje gushaka gusura Jefersonville mu mpera z'icyumweru cya kabiri cy'ukwezi kwa cyenda 2009, nyuma y'amateraniro yari yateguwe I Atlanta. Nifuzaga kugera ku kintu gifatika cyafasha Itorero rya Yesu Kristo. Niyo mpanvu nifuzaga gutanga umucyo ku ngingo zimwe zabaye intandaro y'imyunvire mibi n'ibice mu isi yose.

Icyakora mbere y'uko mpaguruka, menyeshwa n'akandiko ka interneti ko benedata babiri Billy Paul na Joseph Branham batashoboraga kuboneka muri iyo minsi nari nateguye. Bituma mbona ko urwo ruzinduko rwaba rubaye impfabusa, n'ubwo mwenedata Collins yari yantumiye.

Nyamara benedata babiri bari bamperekeje muri urwo ruzinduko bo ntibyabaciye intege, biyemeza gukomeza bava Atlanta bajya I Jefersonville, bifuza nabo, nk'uko byari

kuri benedata benshi mu binyecumi bishize, kwibonera aho mwenedata Branham yari afite itorero rye. Ibitunguranye byinshi byari bitegereje benedata, bimwe bishimishije, ibindi bibabaje.

Icyarushijeho gushimisha ni uko bashoboye kuvugana na mwenedata Fred Sothman, n'ubwo ashaje cyane. Yunvise ko bari bavuye I Krefeld, yahereyeko yifuza kubonana nabo. Ntacyo bamubajije, aherako abaha ubuhamya, atizigamye, avuga ukuntu yari yicaye ku meza amwe natwe, ubwo nagiranaga ikiganiro na mwenedata Branham, tariki 3 Ukuboza 1962. Yashoboye kwibuka buri kantu k'ibyo mwenedata Branham yavuze ku bijyanye no guhunikwa kw'amafunguro no kuzatangwa kwayo.

Atanga n'ubuhamya bw'uko yunvise mwenedata Branham avuga ati: "mwenedata Frank, tegereza ube uretse gutanga amafunguro kugeza ubwo uhabwa n'ibisigaye". Kubw'abo bene data babiri, byabaye ishimangirwa rw'ubuhamya bwanjye.

Mwenedata Sothman yababwiye kandi ko yari ahibereye nabwo ubwo nagiranye ikiganiro na mwenedata Branham i Dallas muri Texas mu kwezi kwa gatandatu muri 1958, ahamya ko yunvise amagambo ya mwenedata Branham :

"Mwenedata Frank, uzasubirana ubu butumwa mu Budage". Benedata byarabatangaje cyane. Muri icyo gihe, nari narasuhukiye muri Kanada, nta gitekerezo cyo gusubira mu Budage nari mfite.

Ubuhamya bw'ikiganiro nagiranye na mwenedata Branham bwashyizwe na mwenedata Albert Gotz mu kinyamakuru cyitwa "Ijwi ryo gukiza indwara (Voice of Healing", n'ishusho ku rupapuro rwa mbere, cyashyizwe mu rurimi rw'ikidage n'icapiro ryitwa "Mehr Licht" cy'ahitwa Hamburg (mu Budage). Ntabwo nkeneye kwirwanirira. Umuhamagaro mu murimo wirengerwa n'Imana yonyine, kandi udashobora kwizera Imana ni uko aba atarahamagawe, ntabwo aba afite kwizera ko muri Bibilia, uretse no kuba intore. Ikivuzwe n'Imana kiba gifite agaciro kugeza iteka ryose : "…*Umugambi wanjye uzakomera, kandi ibyo nzashaka byose nzabikora*" (Yesaya 46:10b).

Imyaka mirongo itatu inshuru ebyiri

"*Nuko muzirikane uwo wihanganiye ubwanzi bw'abanyabyaha bukomeye butyo, kugira ngo mudacogora mukagwa isari mu mitima yanyu*" (Abaheb.12:3).

Uhereye muri 1949, imyaka mirongo itatu irangiye inshuro ebyiri. Guhera igihe naherewe agakiza bwa mbere, umunsi wa pentekote muri 1949, mu iteraniro rya Bachstrasse mu murwa wa Hamburg, umuriro w'umubatizo w'Umwuka wera watangiye kwaka muri njye n'urukundo rw'Imana rwasutswe mu bugingo bwanjye n'Umwuka wera rwampatiraga no gukora ibyo Ijambo ry'Umwami rivuga: "*Muzaba abagabo bo*

kumpamya". Kuva icyo gihe, nagiriwe ubuntu bwo gukomeza gukorera Umucunguzi wangye ubudasiba.

Muri 1959, natangiye gusobanura ibibwirizwa bya mwenedata Branham nubwo nari mfite akandi kazi n'umurimo w'Umwami byantwaraga igihe kinini. Umwaka wa 1964 niwo nagizemo urugendo rwa mbere rw'ivugabutumwa mu gihugu cy'Ubuhindi, nuko ngarutse mboneraho nsura igihugu cya Isirayeri. Uhereye muri 1968, nakomeje gusura ibihugu byo mu Burayi bw'iburasirazuba, harimo n'ibihugu byunze ubumwe by'abasosiyalisiti, ku buryo muri 1979 nari maze kubwiriza mu bihugu 86.

Muri za 70, imyaka yabaye iy'umugisha mwinshi, twashoboye kugura ikibanza gifite ubuso bwa metero kare 10,000, aho twubatse inzu y'urusengero n'amazu abiri y'ikigo cy'ivugabutumwa, ari naho hari ibiro n'aho kwakirira abashyitsi. Uhereye muri 1968 ukageza muri 1978, twashoboye gusakaza ibibwirizwa bya buri cyumweru bimara iminota 20 kuri Radiyo Luxemburg, ubwo buryo bwatumye dushobora kugera kuri bene data bavuga ururimi rw'Ikidage mu bice by'iburasirazuba n'iburengerazuba by'Uburayi. Muri 1976, ababwiriza butumwa bakomotse mu bihugu 33 baje mu giterane mpuzamahanga cyacu.

Koko, muri 1979 nashoboraga gusubiza amaso inyuma nkareba igihe cy'umugisha kimaze imyaka mirongo itatu. Nibwo imbaraga zose z'ikuzimu zahagurukiye kunsenya, kimwe n'itorero ry'akarere n'umurimo w'ivugabutumwa mw'isi yose. Birababaje ko kuri bamwe wabaye umwaka uteye ubwoba uzakomeza kubagiraho ingaruka mbi kugeza mu iteka ryose.

Icyo ntari nagatekerejeho ni icyo Umwami yavuze muri Matayo 16 nyuma y'aya magambo: "…*Nzubaka Itorero ryange*…", cyane cyane: "…*amarembo y'ikuzimu ntabwo azarishobora*".

Ubu Umwami arimo kwubaka bundi bushya Itorero rye ku rufatiro rwa mbere, nk'uko Pawuro yabivuze: "…*twubatswe ku rufatiro rw'intumwa n'abahanuzi*…", ntakintu umwanzi yifuza nko kuba yaririmbura burundu. Nyamara ntabwo yabishoboye kandi ntabwo azigera ashobora kunesha itorero. Iki nicyo gihe cya nyuma aho Satani ari imbere y'umugore-Itorero- uzabyara umwana w'umuhungu, umukumbi w'abazanesha uzazamurwa ku Mana (Ibyah.12). Yesu niwe kandi azahora ari uwanesheje, kandi abahungu n'abakobwa b'Imana bazanesha wa murezi wa benedata kandi bazasohorerwaho isezerano rihebuje: "…*kugira ngo aho ndi namwe ariho muzaba*" (Yoh.14:1-3; Ibyah.3:20; n'ahandi).

Mugihe ndebye ku myaka 30 ishize, mbona ishusho y'umucunguzi wanjye imbere yanjye. Yari afite hafi imyaka 30 (Luka 3:23) ubwo yatangiye umurimo yatumwe bijyanye n'umugambi w'agakiza. Bamugeretseho igisebo cy'uko yari ikinyendaro. Hari

uwakwibaza niba byari ngombwa ko Mariya asabwa, ku buryo byateye abantu kwibwira ko hari icyabaye? Igikabije ni uko hari abibwiraga ko ari mwene Yosefu, abandi bakavuga ko yabyawe n'umusirikare w'umuroma.

.

Abizera nyakuri nibo bonyine bamenye kandi n'ubu bazi neza uwo ari we: "…*uri Kristo, Umwana w'Imana nzima*" n'ukuri "*si inyama n'amaraso byaguhishuriye ibyo, ahubwo ni Data uri mw'ijuru*" (Matayo 16:16). Igikomoka cyamgwa kivuye ku Mana cyose gishingira ku guhishurirwa.

Nyamara, abanditsi bakomeje kumusesereza no kumushotora, babwira Umwami bati: "*Twe ntabwo turi ibibyarwa*…" nawe arabasubiza ati: "*Mukomoka kuri so Satani*" (Yoh.8:41+44). Nta kintu kigayitse nko kurega umugaragu w'Imana ko yavukiye cyangwa ko aba mu busambanyi. Abanditsi n'abafarisayo bakomoka kuri Satani nibo bonyine bakora ibyo. Dawidi niwe washoboraga kuregwa ubusambanyi, ntabwo ari Aburahamu, Mose cyangwa njye.

Birababaza guharabikwa mw'isi yose mu buryo bukabije no kwitwa "umushukanyi" watakaje umuhamagaro we. Ni kuva ryari Imana yicuza umuhamagaro wayo? Nyamara ndibwirako umugaragu agomba kugirirwa ubu nk'ibyo Umwami wacu yagiriwe cyera: "*abantu bamugiraga impaka cyane, bamwe bati ni umuntu mwiza, abandi bati, oya ayobya abantu* " (Yoh.7:12). Iyo umugaragu agiriwe nk'ibyo bagiriye shebuja, agomba kubyishimira, n'ubwo bamwita "Belzeburi" ndetse n'abanzi be bakaba abo mu nzu ye (Mat.10:21-42). Ibyo Umwami yavuze byose bigomba gushyika. Nk'uko byabaye ku Mucunguzi, ni ko intumwa n'abahanuzi nabo bakomejwe kumashwa na Satani. Nta kuntu byahinduka ubu, noneho ahubwo ni ikimenyetso cyiza.
Umwami yavuze ibi bikurikira ku bo yatumye nk'abagaragu be: "*mujye mwibuka amaganbo nababwiye: ntabwo umugaragu aruta shebuja. Niba barantoteje, namwe bazabatoteza; niba baritondeye Ijambo ryangye, namwe bazitondera iryanyu*" (Yoh.15:20). Intumwa Pawuro nayo yahuye nabyo: "…*mu cyubahiro no mu buhemu, mu mugayo no mw'ishimwe, dutekerezwa ko turi abashukanyi kandi turi mu kuri*…" (2 Abakor.6:8).

Mu bakorinto ba kabiri 11, Pawuro yatinyaga ko inzoka yashukashuka abizera nk'uko yashukashutse Eva. Kugeza uyu munsi haracyariho abantu batega ugutwi amagambo y'umugorore wayobejwe n'umwanzi, ufite akanwa kagoreka buri jambo ryo mu byanditswe cyangwa ikindi cyose kavuze (1 Tim. 2:11-14) mu gihe abandi bamenya ko ijambo ry'Imana mu kanwa k'umugaragu w'Imana ari ukuri kutavangiye (1 Abami 17:24).

Byose mbyegurira uca imanza zitabera kandi mfite icyifuzo kimwe gusa, kubwiriza ubutumwa bw'Imana bw'inkuru nziza kugeza ubwo nzavamo umwuka. Ibi nibyo byabaye

ubugingo bwanjye ku bw'Umwami wanjye mukundwa kumara iyi myaka mirongo itandatu ishize kandi niko bizakomeza kuba kugeza aho Itorero-Umugeni rizasanganira Umukwe.

Nk'uko nabibonye mu kwezi kwa mbere 1981, ubwo navanwaga mu mubiri nkerekwa izamurwa, abantu benshi – bose bari bato kandi bambaye ibyera-bazazamurwa. Ibyo byari bikwiye guharanirwa n'abatari bacometswe ku muhanuzi gusa ahubwo bacometswe ku Mana ku bw'iteka ryose. Intego iri bugufi. Maranata!

Turashimira Imana kubw'Ijambo ry'ubuhanuzi rimurika nk'itabaza ahatabona (2Pet.1:19). Nta muntu uzi umunsi cyangwa isaha, nyamara ibimenyetso by'ibihe biravuga invugo yeruye. Umwami nyir'umurava adufungure twese imyunvire kandi aduhe ubuntu bwayo bwuzuye kubwo kwitegurira kugaruka kwegereje kw'Umwami wacu Yesu Kristo, Amina.

"*Icyo nzi neza rwose ntashidikanya, ni uko iyatangiye umurimo mwiza muri mwe izawutunganya rwose ku bw'umunsi wa Yesu Kristo*…" (Abafil.1:6).

Ibihugu byunze ubumwe by'uburayi

"*Iherezo rya byose riri bugufi, nuko mugire ubwenge, mwirinde ibisindisha, mubone uko mugira umwete wo gusenga. Ariko ikiruta byose mukundane urukundo rwinshi, kuko urukundo rutwikira ibyaha byinshi*" (1Pet.4:7-8).

Guhera tariki ya mbere Ukuboza 2009, ibendera ry'Uburayi ryarazamuwe mu bihugu byose uko ari 27 bigize Ubumwe bw'uburayi. Papa yasobanuye ikimenyetso cy'umugore wambaye ikamba ry'inyenyeri cumi n'ebyiri wo mu Byahishuwe 12, yuko ari Mariya, nuko yegurira Uburayi bwunze ubumwe umutima muziranenge w'"Umwamikazi w'Uburayi" munsi y'ubutegetsi bw'idini gatorika y'I Roma. Niyo mpanvu ibendera ry'Uburayi ririho inyenyeri 12.

Tugeze ku iherezo ry'igihe cya nyuma kandi turi abahamya b'ibyo Bibilia yahanuye ku bwami bwa nyuma bwo ku isi. Perezida wa mbere w'Inama y'Uburayi, Herman van Rompuy yaratowe. Biragaragara ko Uburayi na ubutegetsi bw'isi bukomeza kuyoborwa n'aba Yezuwiti, inkoramutima za Papa. Umurimo w'ubuyobozi uzakorwa na Antikristo nk'umuhanuzi w'ibinyoma kugeza ku iherezo, ubwo ibi byanditswe bizasohora: "*iyo nyamaswa ifatwa mpiri, na wa muhanuzi w;ibinyoma wakoreraga ibimenyetso imbere yayo, akabiyobesha abashyizweho ikimenyetso cya ya nyamaswa, n'abaramya igishushanyo cyayo. Bombi bajugunywa hamwe ari bazima mu nyanja yakamo umuriro n'amazuku*" (Ibyah. 19:20).

Kuri ubu ikirimo gusohora ni iki: "*imbaraga ze ziziyongera, Atari ku bw'ubushobozi bwe, azarimbura bitangaje, azahirwa mu migambi ye, azarimbura* (ku bw'amasezerano

y'amahoro hamwe na Isirayeri; Dan.9:27) *abakomeye n'ubwoko bw'abera*" (Dan 8:24).

"H*azabaho ubwami bwa kane, bukomeye nk'icyuma; nk'uko icyuma kimenagura kikajanjagura byose, niko buzamenagura bujanjagure byose butyo*" (Dan.2:40).

"N*uko nifuza kumenya amashirakinyoma ku nyamaswa ya kane, itasaga n'izindi zose, yari iteye ubwoba cyane bitavugwa, ifite imikaka y'ibyuma n'inzara z'imiringa, ariyo yaconcomeraga ibintu ikabimenagura, ibisigaye ikabisiribanga*…" (Dan. 7:19).

"N*uko arambwira ati: iyo nyamaswa ya kane izaba ubwami bwa kane buzaba ku isi, kandi buzaba budasa n'ubundi bwami bwose, buzaconcomera isi yose, buyisiribange, buyimenagure*" (Dan.7:23).

Ukomeza gusoma abonako mu gihe ibyo bizaba – kandi icyo gihe ni ubu – Imana yo mw'ijuri izashyiraho ubwami bwayo ku isi: "*maze ubwami n'ubutware n'icyubahiro cy'ubwami bwose buri munsi y'ijuru, buzahabwa ubwoko bw'abera b'Isumba byose. Ingoma ye ihoraho iteka ryose, kandi ubutware bwose buzajya buyikorera buyunvire*" (Dan.7:27).

Yego, ibyo Umwami yavuze byose bitaraba mw'Ijambo rye kubw'igihe cyacu birimo birasohora kandi nitwe gisekuruza kizabibona. Twe dukuze mu myaka, twiboneye "iby'Ijoro ry'ibirahure" tariki 9/11/1939, ubwo amasinagogi yose yatwikwaga mu "bwami bw'abadage (Deutsche Reich)", aribyo byatangije iyicwa rirenze kamere ry'abayahudi. Twiboneye gukusanywa kw'imiryango cumi n'ibiri y'abana b'Isirayeri bakomoka mu bihugu hafi 150 no gushingwa kw'igihugu cy'Isirayeri muri 1948. Nyuma y'intambara ya kabiri y'isi, twiboneye Gutandukanwa hagati y'uburengerazuba n'uburasirazuba n'iyubakwa ry'igikuta cy'I Berlin mu kwa munane 1961, hanyuma tubona no kugwa kw'icyo gikuta tariki 9/11/1089.

Ubumwe bw'Uburayi bushingiye ku masezerano y'i Roma yo mu kwa gatatu 1957 no gusohozwa kw'amasezerano y'ii Lisiboni yo mu kwa cyenda 2007 bwamaze kuba impamo. Ubu turimo kuba abahamya b'ihamagarwa ry'ubutware bw'isi, rya Guverinoma y'isi yose. Amaanga n'amadini arimo arikusanya munsi ya Roma kandi ivanwaho ry'imipaka ku bucuruzi n'ubukungu bw'isi ririmo rirakomeza. Amahanga yose ari mu bwato bumwe, byaba ari impinduka z'ikirere, umutungo kamere cyangwa indi ngingo iyo ariyo yose. Ubu ku nzego zose, igikuru kiriho ni ugushyikirana kw'ibihugu no gushakisha amahoro y'isi ategerejwe kuva kera n'amahanga yose (1Abates. 5:3). Dusubiye mu nvugo y'imigani ya Bibilia, tubona itorero ryaguye ryerekanwa nka maraya ukomeye wicaye ku nyamaswa; imbaraga z'umwuka w'ubuyobe ni zo zifashe ubuyobozi mu biganza byazo kandi nizo ziyobora abatware b'iyi si (Ibyah.17).

Inzira zose zigana i Roma, ariko imwe gusa niyo ivanayo.

Ntabwo dukeneye ibindi bibwiriza ku bigiye kuba mu minsi ya vuba, dufite icyerekezo kiruta ibindi, mu Ijambo ry'ubuhanuzi mu Byanditswe byera. Umwami wacu

yavuze inshuro eshatu ubwo yavugaga ku by'igihe cy'iherezo:"*nuko nimubona ibyo byose, muzamenye ko Umwana w'umuntu ari bugufi, ku muryango*" (Mat.24:33; Mariko 13:29; Luka 21:31).

Ingendo z'ivugabutumwa mu mwaka wa 2009

Byarantangaje cyane, kubona raporo yo muri Internet yerekana ko guhera mu kwa mbere kugeza mu kwa cumi na kumwe 2009 nakoze ingendo 88 hamwe n'indege z'ikigo Star Alliance Lufthansa/Swiss, udashyizemo ingendo nagiranye n'ibindi bigo by'indege. Umwami yanshoboje ko muri uyu mwaka mbwiriza ijambo rye ryera kandi ry'igiciro kinini mu bihugu 21. Bitandatu muri byo nibwo nari nkibigeramo bwa mbere. Uyu mwaka wabaye umwe mu yahawe umugisha cyane, kandi ibyo bizazana umusaruro mwinshi iteka ryose.

Gusoza umwaka wa 2009 no guhanga amaso uwa 2010

Mwami kandi mucunguzi mukundwa,
Ibuka Isezerano ryawe wagiranye natwe,
Ibuka amaraso wamennye ku bwacu,
Ibuka amasezerano waduhaye,
Wibuke kuyasohoza kugira ngo uduhe ubugingo.

Twamaze kugera mu gihe kiruta ibindi mu mateka y'isi n'amateka y'agakiza. Umuhanuzi Danieri yarabwirijwe ati: "*Nuko Danieri, aya magambo uyagire ibanga, bumba igitabo ugifatanishe ikimenyetso kugeza ku gihe cy'imperuka. Benshi bazagisoma kandi ubwenge buzagwira*" (Dan.12:4).

Igihe cy'imperuka n'iki kandi igitabo cyari gifatanijwe cyarafunguwe.

Intumwa Yohana yarabihamirije naho twebwe tubirimo: "*hahirwa usoma n'abumva amagambo y'ubuhanuzi, kandi bakitondera ibiyanditswemo! Kuko igihe kiri bugufi*" (Ibyah.3:1).

"*Wirira, dore Intare yo mu muryango wa Yuda, ishami rya Dawudi, yaranesheje kugira ngo abumbure igitabo n'ibimenyetso byacyo birindwi*" (Ibya.5:5).

"*Dore ndaza vuba, hahirwa uwitondera amagambo y'ubuhanuzi ari muri iki gitabo*!" (Ibyah. 22:7).

"*Umwuka n'Umugeni baravuga bati: Ngwino, Kandi uwunva agire ati:Ngwino. Kandi ufite inyota aze, ushaka ni yende ku mazi y'ubugingo, ku buntu*" (Ibyah.22:17).

"*Uhamya ibyo aragira ati: yego, ndaza vuba. Amina! Ngwino mwami Yesu*!" (Ibyah.22:20).

Imana niyo yabikoze

Umwami wo kwiringirwa niwe wayoboye byose ku buryo amateraniro yacu ya buri cyumweru cya mbere cy'ukwezi , aba mu rurimi rw'ikidage, asobanurwa mu ndimi 12 zinyuranye kandi aherako asakazwa binyuze muri Internet, kugira ngo ashobore guherako akurikirwa mw'isi hose. Igihe cyose duteranye, haba hari ahantu harenga 450 hari aba abadukurikira bari mu migabane yose yo kw'isi.

Niba hari uwaba yifuza gukurikirana amateraniro yacu ku murongo wa *Internet*, ashobora kwinjira muri *Site* yacu *http://www.freie-volksmission.de*, kuri Internet agatoranya amashusho (video) cyangwa ijwi (audio), hanyuma agatoranya ururimi ashaka. Mu mpera za buri cyumweru cya mbere cy'ukwezi, isakazwa ry'amateraniro ritangira kuwa gatandatu saa moya z'ijoro (19h00) no ku cyumweru saa tatu ni gice za mugitondo (9h30) GMT.

Ku baza i Krefeld, tuzakomeza amateraniro yo mu mpera y'icyumweru cya mbere cy'ukwezi. Nk'uko bisanzwe, turabasaba ko mwabitumenyesha hakiri kare kugira ngo nimuza muri ayo materaniro dushobore gutegura neza amacumbi n'amafunguro.

N'umutima wanjye wose, nifuje gushimira buri umwe muri mwe, mu isi yose n'abanyibuka jye n'uyu murimo mu masengesho yabo, ndetse n'abawushyigikira mu buryo buhoraho. Ku bw'umwaka wa 2010, mbifurije mwese imigisha myinshi ituruka ku Mana.

Ukoreshwa n'Imana

Niba wifuje gukomeza kwakira inyandiko zacu, ushobora kwandikira aha hakurikira:

Mission Center
P.O. Box 100707
47707 Krefeld
Germany

Mu Rwanda:
Ikigo cy'Ivugabutumwa
Agasanduku k'i Posita: 3325
Kigali-Rwanda
E-mail : swmcrwanda@live.com ; swmcrwanda@yahoo.comh
Tel : +250255102209

Ushobora no gukurikura ku muyoboro wa *Internet* amateraniro yacu buri wagatandatu no ku cyumweru byambere bya buri kwezi: ku wa gatandatu duterana saa moya n'igice nimugoroba (19h30), naho ku cyumweru duterana saa ine (10h00) za mugitondo (Amasaha yo mu Burayi bwo hagati). Ibibwirizwa bishobora kunvikana kw'isi hose mu ndimi cumi zinyuranye harimo n'icyongereza n'igifaransa.

Gira uruhare muby'Imana irimo gukora bijyanye n'umugambi wayo w'agakiza !

Homepage: http://www.freie-volksmission.de
E-mail: volksmission@gmx.de or
E.Frank@freie-volksmission.de
Phone: +49-2151/545151
Fax: +49-2151/951293
© by the author and publisher E. Frank
* *